# BELIEVERS EASTERN CHURCH

## ORTHODOX/ ORUTODOGISI

# AMASOMO

Amasomo y'Ibyanditswe y'Icyumweru
n'indi  Minsi Mikuru 2024-2025

*Icapiro*

Metropolitani, Believers Eastern Church

Uburenganzira mbanziriza © 2024

*Byateguwe na*
Igice cya Sinodi gishinzwe Liturijiya n'Inyigisho z'Idini

Uburenganzira ubwo aribwo bwose bwo kwempurima cyanga gukuramo inzindi mpapuro zisa niki gitabo biherwa uburenganiza n'Umwanditsi w'igitabo.

Believers Eastern Church Ikicaro Gikuru
ku Isi, Kominote ya Mt. Tomasi,
Kuttapuzha P.O. Thiruvalla - 689 103,
Kerala

Igiciro : 00.00

*Cyandikiwe mu Buhinde.*

## ISHAKIRO


| | | |
|---|---|---|
| 1. | Iriburiro | 5 |
| 2. | Amasomo y'Ibyanditswe | 6 |
| 3. | Ingengabihe ya Kiliziya | 65 |
| 4. | Iminsi Mikuru | 72 |

## IRIBURIRO

Ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu, Imana Imwe Nyakuri.✠Amen. ✠

Ihame ry'ibanze rya Believers Eastern Church ni uko duha agaciro amasomo, kwiga no kwigisha Ijambo ry'Imana. Ibyo si ukubera ko ari urugero twahawe n'Intumwa n'Ababyeyi ba Kiliziya, ahubwo ni ukubera ko Ijambo ry'Imana rifite imbaraga kandi rikaba ari uburyo bwo guhinduka no guhindura imibereho yacu.

Ijambo ry'Imana rifite imbaraga zo guhindura imibereho y'imbere n'inKoko Ijambo ry'Imana ni irinyabuzima, ni irinyabushobozi, kandi riratyaye kurusha inkota y'amugi abiri. Riracengera kugeza aho umutima n'ubwenge bitandukanira, hagati y'ingingo n'imisokoro; rigasobanura ibyifuzo n'ibitekerezo byihishe muri muntu" (Abahebureyi 4:12).

Bibiliya Ntagatifu iduha amahame y'ubumana atubeshaho kandi akaguha ukwizera n'ukwemera. "Bityo rero, ukwemera gushingira ku nyigisho, inyigisho nayo ku ijambo rya Kristu" (Abanyaroma 10:17). Ni iby'ingenzi ko twasoma kandi tukiga ijambo maze tukaryigisha buri gihe muri paruwasi zacu.

Kugira ngo iyo ntego igerweho, amasomo yakusanyirijwe hamwe y'imirongo y'ibyanditswe iteganyirijwe gahunda yacu yo gusenga yo ku Cyumweru no ku yindi minsi yihariye y'umwaka. Bityo rero, bitubera icyerekezo kugira ngo dusome kandi twiyigishe Ijambo ry'Imana mu buryo bufite gahunda.

Isengesho ryanjye ni uko iyi gahunda y'amasomo yazadufasha twese mu ma paruwasi yacu kugira ngo tugire ubuzima bwiza, imbaraga kandi tube amanyamurava mu bwenge maze tugendane n'Imana.✠

Imigisha y'Imana Data, na Mwana na Roho Mutagatifu ihorane namwe. Amen .✠

✠Moran Mor Samuel Theophilus
Metropolitani

Kiliziya ku Cyicaro Gikuru ku Isi
29 Ukwakira 2024

**3 Ugushyingo 2024**

## Icyumweru cya 1

## Ugutagatifuzwa kwa Kiliziya (*Koodhosh Eetho*)

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 6:1–8 | Zaburi 43 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 3:16,17; 6:15–20 | Mt. Matayo 16:13–23 |

**Insanganyamatsiko ’Ivanjili: Yezu ni Kristu, Umwana w’Imana**

***Ni iki kivugwa mu byanditswe?***

Nyuma yo kubabaza icyo abandi bavuga kubirebana nuwo ariwe, Yezu maze abaza abigishwa be icyo kibazo. Mt. Petero mugisubizo yahishuriwe amusubiza neza, maze Yezu aravuga ati Kiliziya ubwayo ni ingoro yo guhamirizamo ukwemera. Hanyum a, igihe Yezu yavugaga ku mubabaro we warugiye kuza, mukutabasha kubisobanukirwa, Mt.Petero yavuze ko ari intekerezo za Satani.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Nubwo abantu bashobora kugira imyumvire itandukanye kuri uwo Yezu ariwe, turahamya mu kwemera ko Yezu ari Kristu, Umwana w’Imana ihoraho !

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Uku guhamya ni umusingi wa Kiliziya.
2. Nk’umunyamuryango wa Kiliziya, turahamya ukwemera kwacu buri munsi dusubiramo indangakwemera muri rusange n’umuntu ku giti cye, mu masengesho yo miryango yacu no mu Kiliziya.
3. Nta na kimwe, yewe n’urupfu (hadesi) cyabasha guhagarika Kiliziya duhamya ibya Yezu n’agakiza aha isi.

**10 Ugushyingo 2024**

## Icyumweru cya 2

## Ukwegurirwa kwa Kiliziya (*Hoodosh Eetho*)

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| 1 Abami 8:22–40 | Zaburi 78:1–7 | Abahebureyi Abaheburayo) 9:1–14 | Mt. Yohani(a) 10:22–38 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Umva ijwi ry'Imana Uyikurikire**

***Iki gice kivuga iki?***

Yezu avuga ko ari umushumba utanga ubugingo bw'iteka abamwumva kandi bakamukurikira, n'ubwo hari benshi batazamwemera cyangwa ngo bamwumvire, n'ubwo babonye ibitangaza byinshi Yezu yakoze.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Yezu ni Umushumba mwiza, kandi tuzarindwa nitwumvira ijwi rye. Nanone kandi, tumenya ko Abafarizayi biteguye gutera Yezu amabuye, kubera ko yiyitaga ko ari Umwana w'Imana.

***Ni Gute twabasha kubishyira mu bikorwa?***

1. Igihe twumva kandi tugasoma ijambo ry'Imana, tumva ijwi ry'Umushumba.
2. Ukumva bisobanura, kubaha kandi kumvira ni ukwizera ijwi ry'Umushumba.
3. Igihe dukurikiye ijwi ry'Umushumba, tubasha gushikama kugira ngo tutazatezuka.

**17 Ugushyimbo 2024** **Icyumweru cy’Ababyeyi—Ituro ryihariye**

**Icyumweru cya 3**

**Igihe cyo Gutangaza: Ivuka rya Yohani(a) Umubatiza ni uwahanuye**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| | | | |
|---|---|---|---|
| I(n)tangiriro17:15–22 | Zaburi 123 | 2 Petero 1:1–15 | Mt. Luka 1:5–25 |

**Insanganyamatsiko: izere amasezerano y’Imana**

***Icyo gice kivuga iki?***

Imana yasubije mu buryo bw'igitangaza isengesho ry'umugabo n'umugore bageze mu za bukuru ari inyangamugayo bayisabaga umwana. Umumarayika w'Imana yavuze izina uwo mwana azitwa, uko azarerwa n'uruhare azagira mu kuzanira abantu bose agakiza. Ariko se Zakariya we, yari afite ukwemera guke, kandi ibyo byatumye atabasha kuvuga kugeza igihe umwana we yavukiye.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Imana isubiza amasengesho yacu mu buryo bwawe bw’amayobera. Ariko dukeneye kugira ukwemera kandi twite ku masezerano y’Imana ku buzima bwacu.

***Ni gute twabishyira mubikorwa ibi?***

1. Imana ishobora gukora ibitangaza nubwo byaba bisa nkaho bidashoboka.

2. Nuko rero nta we ushobora kunyura Imana adafite ukwemera, kuko uwegera Imana wese agomba kwemera ko ibaho kandi igahemba abayishakashaka. (Abahebureyi 11:6).

3. Ukwemera kugomba kutuyobora no kwita ku masezerano y’Imana

**21 Ugushyingo 2024**

## UMUNSI MUKURU WO KWINJIRA KWA THEOTOKOS

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Iyimukamisiri (Kuva) 40:1–5,9–10 | 1 Abami 8:1, 3–4, 6–7, 9–11 | Abaheburey i (Abaheburayo) 9:1–7 | Mt Luka 10:38–42, 11:27–28 |

**Insanganyamitsiko y'Ivanjili: Turi ingoro z'Imana Ihoraho**

***Ni iki kirebana n'uyu munsi mukuru?***

Uyu munsi mukuru, nk'uko byatanzwe n'umugenzo muzima wa Kiliziya Ntagatifu, wibutsa iturwa rya Mutagatifu Mariya mu rusengero rw'i Yeruzalemu n'ababyeyi be, igihe yari akiri umwana.

***Ni iki twakwigira muri ibi?***

Twigiramo, kuzuza isezerano, ababyeyi ba Mariya bamujyanye mu ngoro I Yeruzalemu, aho umuherezabitambo (papa wa Mt. Yohani(a) Umubatiza) yaramwakiriye, maze aba aho ngaho akorera Imana, kugeza mu gihe yasabwaga na Mt. Josefu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Nk'uko ababyeyi ba Mariya bamutuye umurimo w'Imana, natwe nk'ababyeyi tugomba kugenza gutyo.
2. Ni ibihe byiza byo kuzirikana ku buzima bwa Bikira Mariya by'umwihariko uko kwitegura kuzuye kugira ngo yumvire Imana.
3. Nk'uko twizihiza uyu munsi mukuru ukwezi kumwe mbere ya Noheli, bidufashe guhanga amaso Umunsi Mukuru w'Ivuka rya Yezu (Noheli).

**24 Ugushyingo 2024**

## Icyumweru cya 4

## Igihe cyo Gutangaza: Ivuka rya Yezu ritangarizwa Mariya

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| I(n)tangiriro 28:10–22 | Zaburi 40:5–10 | Abahebureyi (Abaheburayo) 2:14–18 | Mt. Luka 1:26–38 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Subiza ubigiranye ukumvira**

***Icyo uyu umunsi mukuru werekezaho?***

Umumalayika Gaburiyeli yoherejwe mu mugi wa Galilaya, ku mukobwa w'isugi witwaga Mariya, kugira ngo amugezeho ubutumwa bw'ingenzi cyane kurusha ubundi bwose abantu bashoboraga kumva. Igisubizo yamusubije ni ukumvira Imana.

***Ni iki twigiramo?***

Mariya ni urugero ruhebuje rw'ukwemera, kumvira, no kubaho ubuzima butagatifu, kubera ko n'igihe yumvaga ko ibintu bidashoboka, yahisemo kwemera ibyo umumalayika yamubwiye, maze yemera gukora ugushaka kw'Imana.

***Ni Gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Twubaha, dusingiza, kandi tukamwita Bikira Mariya, nyir'umugisha!
2. Twizere Imana maze tuvuge tuti- "bibe mu gushaka kwawe."
3. Nk'uko ubuzima bwa Bikira Mariya yarebaga Yezu, reka ubuzima bwacu tuburagize Yezu.

**1 Ukuboza 2024**

## Icyumweru cya 5

## Igihe cyo Gutangaza: Mt. Mariya asura Elizabeti

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Imigani 31: 10–31 | Zaburi 80:1–7, 17-19 | I Petero 3:1–7 | Mt. Luka 1:39–56 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Hahirwa uba umunyamugisha**

***Icyo iki gice kivuga?***

Uyu murongo uvuga ibyo guhura kwa Elizabeti n'Umubyeyi Mariya. Hano Umubeyi Mariya aririmba indirimbo y'ubuhanuzi, avuga ko Imana ari yo yatumye asama inda mu buryo bw'igitangaza. Yicishije bugufi kandi asingiza Imana yakoze ibyo bintu bikomeye.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Kubera ko Umubyeyi Mariya yizeraga isezerano ry'Imana kandi akaryemera, Umubyeyi Mariya natubere umugisha ku bantu bose.

***Ni Gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ntukibagirwe umugisha w'Imana igihe yujuje isezerano ryayo.
2. Tuzuzuza umuhanuzi muri uyu murongo igihe twita Umubyeyi Mariya, Nyir'umugish
3. Iki ni igihe gikomeye cyo kubwira abandi maze tugaha Imana ikuzo kubw'impano ikomeye yaduhaye twese-agakiza binyuriye kuri Yezu Kristu!

| 8 Ukuboza 2024 Icyumweru cy'Abana—Ituro ry'Umwihariko Icyumweru cya 6 Igihe cy'itangaza: ivuka rya Mutagatifu Yohani(a) Umubatiza (Uwabanje) | | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| I Samweli 1: 20–28 | Zaburi 127:1–5 | Abanyefezi (Abefeso) 6:1–4 | Mt. Luka 1:57–80 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Nimucyo ubuzima bwacu tubwerekeze kuri Kristu**

***Iki gice kivuga iki?***

Amasezerano y'Imana kuri Zakariya na Elizabeti yuzujwe, akanwa ka Zakariya karafunguwe maze bita umwana wabo Yohani(a) bisobanura "ubuntu bw'Imana". Kandi kubera ko Yohani(a) uwabanje yahamagariwe mu buryo bwihariye, yakuze ari kure y'abantu, yegurirwa umurimo wihariye cyane.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Tumenya ko Imana yuzuza amasezerano yayo, kandi ko Imana ihamagara kandi igategura abo yatoranyije kugira ngo yuzuze imigambi yayo yihariye. Kandi iyo ntego yari iyo kugira ngo Yohani(a) abe ari we 'wabanjirije abandi,' ni ukuvuga uwari kujya imbere ya Yezu agategura inzira.

***Ni gute ibi ngibi twabishyira mu bikorwa?***

1. Nk'uko abana ari impano ituruka ku Mana, ababyeyi bagomba kubayobora nkuko Imana ibibategeka.

2. Nk'ababyeyi, tugomba gusenga dusaba ko abana bacu batura ubuzima bwabo kugira ngo bageze kuri benshi agakiza.

3. Umurimo wacu kandi ugomba kuba nk'uwa Mt. Yohani(a)- duhanga amaso inzira y'agakiza muri Kristu, mu magambo no mu bikorwa.

**15 Ukuboza 2024**

## Icyumweru cya 7

## Ugutangarizwa kuri Mt. Yozefu

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 45:18–25 | Zaburi 126 | 1 Petero 2:11–17 | Mt.Matayo 1:18–25 |

### Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Umugambi w’Imana wuzuzwa igihe twumvira

***Icyo gice kivuga iki?***

Nyuma y'aho Yozefu amenyeye ko Mariya yari atwite, umumarayika w’Imana yamubwiye ko yagombaga gushyingiranwa na Mariya kandi ko atagombaga kumwanga. Hanyuma, ahishura ikintu kidashoboka na gato - ko umwana Mariya atwite atari umwana usanzwe, ahubwo ko amutwite binyuriye kuri Roho Mutagatifu.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Imyaka igera hafi kuri 600 mbere y'ivuka rya Yezu, Umuhanuzi Izayi (Yesaya) yari yarahanuye ibihereranye n'ivuka ry'Umukiza uzabyarwa n'Umukobwa w'isugi. Icyo gihe noneho, mu gihe gikwiriye, iryo sezerano ryarujujwe. Tugomba kwibuka ko Imana izuzuza amasezerano yayo.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa***

1. Mbese nk’uko Mt.Yozefu yumviye Imana, natwe twumve ibyo Imana itubwira, nubwo twaba tudasobanukirwa inzira zayo.
2. Ushishikare, Imana izuzuza amasezerano yayo, nubwo twibwira ko bitinze.
3. Iga kwihangana, no kugira ukwemera.

| 22 Ukuboza 2024 | Icyumweru Kibanziriza Noheli<br>Icyumweru cya 8 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Izayi (Yesaya) 11:1–9 | Zaburi 89:1–4, 19–26 | Ibyakozwa n'Intumwa 3:16–26 | Mt. Yohani(a) 1:1–14 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Imana yigira umuntu**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Uyu ni umwe mu mirongo y'ingenzi cyane yo mu byanditswe bitagatifu byose. Itubwira ko Jambo, ari we Yezu, Umwana w'Imana w'ikinege, wigize umuntu na kamere muntu nk'iyacu, kandi ko yabaye rwagati mu bantu ['Emanweli' Imana iri kumwe natwe].

***Ni iki twigira muri ibi?***

Tumenya ko Yezu yari Imana mu buryo bwuzuye (100%) kandi icyarimwe akaba n'umuntu mu buryo bwuzuye (100%). Tumenya ko dufite igikundiro kitagereranywa cyo "kwakira" Yezu, umucyo w'isi, mu mibereho yacu, kugira ngo agire uruhare mu buzima bw'Imana, bityo tukaba "abana b'Imana".

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Soma ivanjili urebe uburyo umugabo Yezu- uburyo yabayeho nuko yakoze ibikorwa.

2. Uyu munsi duhagarariye Yezu imbere y'abandi, nimucyo tubeho nk'uko yabigenje.

3. Hari benshi bakiri mu mwuka w'umwishima. Dusenge ubudasiba ko urumuri rw'Imana twarasira mu mitima yabo.

**25 Ukuboza 2024**

## UMUNSI MUKURU W’IVUKA RYA YEZU KRISTU—NOHELI (yeldo)

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| Izayi (Yesaya) 9:1–7 | Zaburi 96 | Abaheburayi (Abaheburayo) 1:1–12 | Mt. Matayo 2:1–12 |
|---|---|---|---|

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Imana yuzuza umugambi wayo w’agakiza**

***Ni iki uyu munsi mukuru urebana nacyo?***

Twizihiza uburyo Imana yihinduye umuntu ikavuka nk’ikiremwa muntu—Yezu Kristu.

***Ibi bitwigisha iki ?***

Tumenya ibihereranye n'isohozwa ry'umugambi w'Imana ryo gukiza abantu binyuriye ku mwana Yezu. Inkuru y'ivuka rya Yezu yuzuyemo ibikorwa by'Imana umwana wavukiye i Betelehemu mu kiraro gisohoza ubuhanuzi, inyenyeri yayoboye abanyabwenge baturutse iburasirazuba bafite impano zidasanzwe, bahitamo gusubirayo mu yindi nzira, abamarayika batangaje ivuka ku bashumba mu murima n'umwana Yezu arindwa n'Imana uburakari bw'umwami mubi.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Muri iki gihe cya Noheli, musuhuzanye muvuga –‘Kristu yavutse’kandi dusubiza –‘Nasingizwe’.

2. Twizihize Noheli twishimiye ibyo Imana yadukoreye n’abantu bose.

3. Koresha aya mahirwe usangiza abandi iyi nkuru ya Noheli –mu buhanga bwinshi, mu magambo no mu bikorwa.

| 29 Ukuboza 2024 | | Icyumweru cya Mbere nyuma ya Noheli | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 9 | | | |
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| I(n)tangiriro 37:12–28 | Zaburi 148 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 10:1–13 | Mt. Matayo 2:9–15,19–23 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Kurikira Imana nk'uko iyobora**

***Iki igice kivuga iki ?***

Iki gice kivuga uburyo Imana yaburijemo umugambi wa Satani wo kwica Yezu akiri umwana, n'uburyo binyuze muri ibyo byose, Yezu yashohoje ubuhanuzi bwa kera bwerekeye Mesiya.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Uko umwanzi yagerageza kose, umugambi w'Imana n'umugambi wayo ntushobora kuburizwamo. Imana ntizuzuza amasezerano yayo gusa, ahubwo nanone izarinda abo izuzurizaho amasezerano yayo.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Kurikira icyerekezo cy'Imana, nk'abanyabwenge na Mt. Yozefu, umubyeyi wo ku isi wa Yezu.

2. Ababyeyi, by'umwihariko abagabo, kuko bafite inshingano zo kurinda abana babo cyane cyane iyo bakiri bato, bagomba gutega amatwi Imana bitonze

3. Izere uburinzi bw'Imana: ku giti cyawe, ku muryango wawe, no ku bana bawe.

| 5 Mutarama 2025 | Icyumweru cya Kabiri nyuma ya Noheli<br>Icyumweru cya 10 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Izayi (Yesaya) 26:1–12 | Zaburi 85 | Abahebureyi (Abaheburayo) 11:23–31 | Mt. Luka 2:40–52 |

**Insanganyamatsiko y'ivanjili: Gukura ushimwa n'Imana n'abantu**

***Iki gice kivuga iki?***

Nyuma yo kwizihiza Umunsi Mukuru wa Pasika nk'uko byari bisanzwe, umuryango wa Yezu wongeye kugaruka nyuma y'umunsi umwe gusa, ariko basanga Umwana Yezu atari kumwe na bo. Ababyeyi be bamusanze mu rusengero rw'Imana, maze abantu bose bari bamuteze amatwi batangazwa n'ubwenge bwe. Hanyuma, Umwana Yezu yasubiye mu rugo ari kumwe n'ababyeyi be, maze atangira gukura yemerwa n'Imana n'abantu.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Yezu yari azi neza cyane intego y'ubuzima bwe; nyamara n'ubwo ubwenge bwe bwari butangaje, yakuze yiyoroshya, bityo akundwa n'Imana n'abantu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Tugomba kwishyira imbere y'abo bose batubereye abategetsi mu buzima bwacu. Urugero: Abana ku babyeyi.
2. Gukura wicisha bugufi imbere y'abategetsi biduha ubuntu bw'Imana hombi ku Mana ubwayo ndetse no ku bantu.
3. Nka Yezu, aho turi hose, tugomba kwitabira umurimo wa Data— ariwo uzanira agakiza gashya kuri bose.

**6 Mutarama 2025, Kuwa Gatatu**

## UMUNSI MUKURU WA TEWOFANI Y'UMWAMI WACU (*denho*)

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 12:1–6 | Zaburi 29 | Abahebureyi (Abaheburayo) 10:15–25 | Mt. Matayo 3:1–17 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ibiremwa byose bizahinduka bishya muri Yezu**

***Icyo umunsi mukuru uvugaho?***

Uyu munsi mukuru wizihiza igihe Yezu yabatizwaga na Yohani(a) Umubatiza mu ruzi rwa Yorodani.

***Ibi bitwigisha iki?***

Tumenya uwo Yezu ko ari we, kandi igisubizo cyatanzwe n'Imana ubwayo, ivuga ku mugaragaro ko Yezu ari Umwana wayo. Nanone kandi, tumenya ko Yezu ari Umwana w'Intama w'Imana wikoreye ibyaha by'abari mu isi. Nanone kandi, igihe Yezu yabatizwaga, ibyaremwe ubwabyo byahinduwe bishya.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Umugisha w'amazi: Mu gihe cy'umunsi mukuru, umupadiri ahesha umugisha amazi yaba ari mu gikombe (ijagi y'ikirahuri) cyangwa mu mazi magari (inyanja, imigezi cyangwa ibiyaga). Hanyuma, ayo mazi matagatifu akoreshwa mu gutera umugisha amazu.
2. Gutera umugisha amazu yacu: Umupadiri ajya mu mazu akoresheje amazi matagatifu (cyangwa y'umugisha) maze agaha umugisha n'ibintu byose biri muri ayo mazu, hakubiyemo natwe ubwacu. Muri ubwo buryo, dushimangira isano yo mu buryo bwa Roho iri hagati y'ingo zacu na Kiliziya yacu.
3. Binyuriye mu mubatizo duhinduka umunyamuryango w'umuryango w'Imana, twasukuwe n'amazi dushyirwaho ikimenyetso cya Muroni, gihagarariye Kiliziya Ntagatifu.

**12 Mutarama 2025** **Icyumweru cya Mbere nyuma ya Tewofani**

**Icyumweru cya 11**

| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 49:7–13 | Zaburi 91 | Abanyefezi (Abefeso) 1:3–14 | Mt. Matayo 4:1–22 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Gutsinda Ibishuko**

***Iki gice kivuga iki?***

Muri uwo murongo, Yezu yanesheje ibishuko bya Satani akoresheje imbaraga z'Ibyanditswe. Nyuma Yezu atangira umurimo we wo ku isi ahamagarira abantu kwihana ahamagarira abigishwa be ba mbere kumukurikira.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Nka Yezu, natwe tuzahura n'ibigeragezo, kandi ukwizera kwacu kuzajya kugeragezwa. Ariko kimwe na Yezu, natwe dushobora gutsinda binyuriye ku mbaraga z'Ibyanditswe.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ubigire umuco wo kumva, gusoma, kwiga no kuzirikana maze tukamenya neza Ibyanditswe bitagatifu.
2. Igihe ibishuko bije, kusanya ijambo ry'Imana, maze urihamye. Rifite imbaraga zifasha gutsinda ibishuko twatewe na Sekibi.
3. Nk'uko byagenze kuri Yezu, Ibyanditswe bizadufasha kumenya amayeri ya Satani, bityo tubashe kuyirwanya.

| 19 Mutarama 2025 | Icyumweru cya Kabiri nyuma ya Tewofani<br>Icyumweru cya 12 | | |
|---|---|---|---|
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Izayi (Yesaya) 51:1–8 | Zaburi 139:1–6, 13–18 | Abaheburayi (Abaheburayo) 1:1–2; 2:1–4 | Mt. Yohani(a) 1:43–51 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Aratuzi mbere y'uko aduhamagara**

***Iki gice kiratubwira iki***

Iki gice kidusobanurira uko Filipo yazanye inshuti ye Natanayeli *(uzwi nka Beritolomewo)* imbere ya Yezu.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Imana iratuzi na mbere y'uko iduhamagara - nk'uko Yezu yari azi umutima wa Natanayeli utunganye kandi akamubona aho yari ari mbere y'uko Filipo amujyana kuri Yezu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Imana ishbora gukoresha abantu ititaye aho bakomoka. Nta numwe wibwiraga ko haba hari hari ikintu cyiza cyava I Nazareti.

2. Kuba Filipo yaratumiye Natanayeli ngo "ngwino urebe" ni ubutumire bugenewe buri wese; ni ubutumire bwo kwibonera Kristu ubwe.

3. Nk'uko Filipo yazanye inshuti ye ayishyiriye Yezu, shaka amahirwe yo kuzana inshuti zawe uzishyikirize Yezu.

**26 Mutarama 2025 Icyumweru cya Gatatu nyuma ya Tewofani**
**Icyumweru cy'Ubukarani—*Ituro ry'Umwihariko***

**Icyumweru cya 13**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Yeremiya 31:1–12 | Zaburi 62:5–12 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 3:16–4:5 | Mt. Yohani(a) 3:1–12 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ivuka Rishya**

***Iki gice kiratubwira iki?***

Yezu yahishuriye Nikodemu uburyo bwo kwinjira mu Bwami bw'Imana "binyuriye mu kubyarwa ubwa kabiri. Yezu yakomeje avuga ko kongera kubyarwa ari ukuvuka mu mazi *(umubatizo)* no ku bwa Roho *(impano ya Roho Mutagatifu)*.

***Ni iki twigiria muri ibi?***

Ukuvuka gushya ni amayobera matagatifu. Ni intangiriro y'urugendo ry'agakiza, aho twunga ubumwe muri Kristu mu mazi ya batisimu *[Abanyaroma, Abaroma 6 :1-10]* maze tukakira Roho Mutagatifu mu gusigwa amavuta *[Krisima]*

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Kubera ko umubatizo ari ukwinjira mu ngoma y'Imana, ninawo ntangiriro y'urugendo rwacu rwo kuzabona agakiza, twese tugomba kubatizwa, tutitaye ku myaka dufite.
2. Kwicuza ibyaha no kwemera byombi bigomba guherekeza batisimu yacu mu mazi.
3. Twebwe abageze mu ngoma y'Imana dufite inshingano yo gutumira abantu benshi kugira ngo babe abana b'Imana kandi bavuke ubwa kabiri.

**2 Gashyantare 2025 Icyumweru cya Kane Nyuma ya Tewofani**

**Icyumweru cya 14**

**UMUNSI MUKURU Y’ITURWA RYA KRISTU (*Mayaltho* )**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 11:1–10 | Abahebureyi (Abaheburayo) 7:7–17 | Abanyefezi (Abefeso) 3:13–21 | Mt.Luka 2:22–40 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Imana yigaragarije ubwayo kuri abo bamutegereje**

***Ni iki uyu munsi mukuru utubwira?***

Uyu munsi mukuru wibutsa igihe ababyeyi ba Yezu bamushyikirizaga umuherezabitambo mu ngoro, nyuma y'iminsi 40 avutse, mu buryo buhuje n'ibisabwa n'amategeko y'Abayahudi.

***Ni iki twigira muri uyu munsi mukuru?***

Twibutswa ko Umwami wacu azahishurira abantu batanduye kandi bategerezanyije amatsiko kuzabonana na we, nk'uko byagenze kuri Simewoni na Ana. Bityo rero Yezu ni umuntu mu buryo bwuzuye kandi yigaragaje yuzuza ibyo amategeko yose yamusabaga.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ikoraniro ry'abagore: Iminsi 40 nyuma yo kubyara, Kiliziya za mbere zasabaga abagore kuza mu ngoro, gushimira umutekano w'umwana na nyina.
2. Ababyawe (impinja) na bo bategurirwa kubatizwa no kwinjizwa mu Kiliziya icyarimwe. Muri ubwo buryo, ababyeyi batangaza mu ruhame ko abana babo ari impano bahawe n'Imana, bityo bakaba bakurira mu ikuzo ry'Imana.
3. Gufata buji Nk'ikimenyetso cya Mutagatifu Simewoni cyerekana ko Kristu ari urumuri rw'ihishurirwa ry'abanyamahanga, abizera bafata buji yaka mu gihe cya Liturujiya ntagatifu y'uyu munsi mukuru.

| 9 Gashyantare 2025 | Icyumweru cya Gatanu nyuma ya Tewofani<br>Icyumweru cya 15 | | |
|---|---|---|---|
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Izayi (Yesaya) 41:8–20 | Zaburi 131 | 2 Abanyakorinti (Abakorinto) 4:1–6 | Mt. Mariko 1:12–20 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Kwitaba umuhamagaro wa Yezu**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Iki gice kiranga intangiriro y'umurimo wa Yezu hano ku isi, aho ahamagarira abantu kwihana abwiriza Ivanjiri y'Ubwami bw'Imana kandi agahamagarira abigishwa be ba mbere kumukurikira.

***Ni iki twakwigira muri ibi ?***

Imana yatoranyije aboroheje, bakunda gusenga kandi badafite amashuri, kugira ngo babe intumwa ze za mbere. Kuko bumvise Kristu bakamukurikira, bahindutse intumwa [Abanyefezi 2:20] ni mwebweKiliziya yubakiyeho n'imbaraga za Roho Mutagatifu bahindutse 'Abahinduye isi' [Ibyakozwe n'Intumwa 17:6].

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. kwicuza ntabwo ari intangiriro y'intangiriro y'urugendo na Kristu, ahubwo ukuri guhoraho k'ubuzima.
2. Tugimba kwitegura gusubiza umuhamagaro wa Yezu, gusiga byose inyuma maze tukamukurikira.
3. Imana ikoresha abantu biyoroshya kugira ngo buzuze ibikorwa bihambaye byayo.

**16 Gashyantare 2025**

## Icyumweru cya 16

## Abapadiri bose batuvuyemo

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Ivugururamategeko (Gutegeka kwa Kabiri) 34:1–8 | Zaburi 90 | 1 Abanyatesaroniki (Abatesaroniki) 4:13–5:11 | Mt. Matayo 24:42–51 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ukugaruka kwa Databuja**

### *Iki gice kiravuga iki?*

Umugaragu w'umunyabwenge ni we ugenzura ibyo mu rugo rwe. Shebuja w'abagaragu azaza mu gihe atari yiteze, maze abahe ibihembo bihuje n'ubudahemuka bwabo.

### *Ni iki twigira muri ibi?*

Uyu mugani uratuburira, tugomba guhora twiteguye kugaruka kwa Databuja, Yezu Kristu. Kuba atinze kuza ntibyagombye gutuma tuba abantu batagira icyo bitaho cyangwa babi. Ahubwo tugomba kuba indahemuka kandi tukagira ubwenge.

### *Ni gute twabishyira mu bikorwa?*

1. Ubeho buzima bwa buri munsi wibuka ko Yezu ashobora kugaruka uyu munsi.

2. Umugaragu ahamagarirwa kuba indahemuka ndetse no kwita ku nshingano yashinzwe ya Shebuja.

3. Ntitugire ubunebwe, twiyibutse y'uko hari ingororano zidutegereje, mu gihe tubaye indahemuka kandi tukita kubyo twahawe gucunga.

**23 Gashyantare 2025 Icyumweru kibanzirirza itangira ry’Igisibo Gikuru**

## Icyumweru cya 17
## Indahemuka Zatuvuyemo zose

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 38:10–20 | Zaburi 111 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 15:20–28 | Mt. Luka 12:32–48 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Ba indahemuka mubyo waragijwe**

***Iki gice kiratubwira iki***

Yezu yaciye umugani uvuga iby'umwami wagiye mu bukwe, asiga umugaragu we ngo yite ku byo mu rugo rwe, kandi uwo mugaragu yagombaga kwitegura ukugaruka kwa Shebuja igihe icyo ari cyo cyose, ndetse no mu gicuku.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Nimucyo twibaze tuti 'Ese, igihe Databuja azagaruka mu gihe tutari twiteze, azadusanga turi abizerwa mu byo yadushinze? Cyangwa se azasanga turi abanebwe kandi twaribagiwe inshingano? Tugomba kuba twambaye imyenda ikwiriy kandi amatara yacu yaka igihe cyose [Luka 12:35].

***Ni gute twabishyira mu bikorwa***

1. Ntuzagerageze kujya hirya no hino nk’uko abenshi babigenza bashakisha ‘umunsi Yezu azagarukiraho’ Data ni we uzi uwo munsi [Mt. Mariko 13:32]
2. Databuja yahaye buri wese muri twe inshingano-nk’ababyeyi, umugabo/ umugore, umwana, umukozi, umupadiri n’abandi. Nimucyo tuzuzuze mu budahemuka.
3. Kuri twe tuzi Databuja, tugomba kwitonda cyane. Iyo tuzi icyo databuja ashaka kandi tukaba tudakora ugushaka kwe, igihano cyacu kizaba kiremereye.

| INTANGIRIRO Z’IGISIBO GIKURU | | | |
|---|---|---|---|
| **2 Werurwe 2025 Icyumweru cya Mbere cy’Igisibo Gikuru**<br>**Icyumweru cya 18** | | | |
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Izayi (Yesaya) 58:5–14 | Zaburi 50:1–6 | Abanyakolosi (Abakorosayi) 3:1–17 | Mt. Yohani(a) 2:1–11 |

**Insaganyamatsiko y’Ivanjili: Yezu ahindura imibabaro mo ibyishimo**

***Iki gice kitubwira iki ?***

Mu bukwe aho abigishwa be na nyina bari bitabiriye, Yezu yahinduye amazi divayi, bituma abantu benshi bamwizera.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Ndetse n'igihe ibintu tutari twiteze bibaye mu mibereho yacu, Yezu ashobora gukora igitangaza, maze agahindura imimerere turimo ikaba imimerere irangwa n'ibyishimo. Ubusanzwe, kugira ngo umuntu akore divayi nziza bimusaba imyaka myinshi, ariko Yezu we byafashe akanya gato gusa kugira ngo ahindure amazi divayi.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Mu bihe bitunguranye byo guhangayika n’umubabaro, izere ibitangaza bya Yezu.
2. Izere Yezu azakugarurira ibyishimo mu buzima bwawe.
3. Ibitangaza bituma duhanga amaso Yezu maze bikadufasha kumwizera.

**9 Werurwe 2025 Icyumweru cya Kabiri Cy'igisibo Gikuru (Ugukiza Umubembe)**

**Icyumweru cya 19**

| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
|---|---|---|---|
| 2 Abami 5:1–14 | Zaburi 51:1–17 | Abanyaroma (Abaroma) 3:27–4:5 | Mt.Luka 4:40–41, 5:12–16 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Yezu ashyikirana n'Abavumwa**

***Iki gice kitubwira iki?***

Hano Yezu akiza umubembe, waje guhinduka umuhamya ukomeye maze benshi baza gusanga Yezu kugira ngo bakizwe na We.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Yezu yakiranaga urugwiro abantu bose, cyane cyane abirengagijwe n'abandi. Yezu yakoze ku mubembe maze aramukiza, bityo agaragaza ko Imana ikunda abantu bose kandi ko ibitaho.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Dushake abatereranwe aho dutuye — abakene, abapfakazi, ababembe, abatagira iyo baba n'ab'irengagijwe, nimucyo tubakoreho mu rukundo rwa Yezu.

2. Nimucyo tube abahamya b'abanyembaraga kubyo Imana yadukoreye.

3. Igihe dukorera abanda, duhinduka nka Yezu kuribo.

**16 Werurwe 2025** **Icyumweru cya Gatatu cy’Igisibo Gikuru (Ugukiza Ikirema)**

**Icyumweru cya 20**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| 2 Abami 2:1–11 | Zaburi 22:23–31 | Abanyaroma (Abaroma) 5:1–11 | Mt. Mariko 2:1–12 |
|---|---|---|---|

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili : Yezu atubabarira ibyaha kandi agakiza imibiri yacu**

***Iki gice kiravuga iki?***

Inshuti enye zazaniye ikirema Yezu. Yamubabariye ibyaha bye maze aramukiza. Benshi byarabatangaje kubw’icyo gitangaza, abenshi waterway ubwoba n’uburyo Yezu abasha kubabarira ibyaha.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Ukwemera, kwaba ukwemera kwawe bwite cyangwa uko abandi babyemera, ni ukw'ingenzi mu bihereranye no gukizwa no kubona agakiza ku Mana. Kristu ntiyaje kuri iyi si kugira ngo akize imibiri yacu gusa, ahubwo yaje no kubabarira ibyaha byacu no gukiza ubugingo bwacu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Nk’uko inshuti enye z’ikirema zabashije kuva muri iyi mbogamizi bakakigeza kuri Yezu, natwe tugomba gushyikiriza abandi Yezu.
2. Tugomba kwizera kandi tukagira ukwemera abandi – kubwo gukira n’agakiza.
3. Igikorwa cyo gukiza kuzuye kw’Imana – umubiri, Roho n’umwuka.

| 23 Werurwe 2025 | Icyumweru cya Kane cy'Igisibo Gikuru (Ugukiza Umugore w'i Kanani) | | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 21 | | | |
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Izayi (Yesaya) 56:1–7 | Zaburi 19 | Abanyaroma (Abaroma) 7:14–25 | Mt. Matayo 15:21–28 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Urugero rw'ukwemera gukomeye**

***Iki gice kitubwira iki?***

Umugore wari ufite umukobwa wari wahanzweho n'amashitani yasanze Yezu amusaba imbabazi kandi amukirize umukobwa. Yezu yarebye ukwemera kwe gukomeye muri Kristu n'ububasha bwo gukiza.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Buri gihe Imana ishimishwa n'ukwemera kwacu [Abahebureyi, Abaheburayo 11:6]. Kandi igihe tuyegereye mu kwemera no gukiza, ntabwo izigera ireka amasengesho yacu ahubwo itwereka impuhwe.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Igihe amasengesho yacu atasubijwe, ntabwo tugomba gucika intege. Ahubwo nk'uru rugero rw'umugore, tugomba gutsimbarara.

2. Twizere kandi tugire ukwemera muri Yezu tukugiriye abo dukunda, kugira ngo nawe azatugirire imbabazi.

3. Senga kandi ukure mu kwemera kwawe, kugira ngo ubashe kwizera Imana mu bihe byose.

**25 Werurwe 2025 Kuwa Mbere**

## UMUNSI MUKURU WO GUTANGARIZA TEWOTOKOSI (***Suboro***)

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| I(n)tangiriro 28:10–22 | Zaburi 40:5–10 | Abahebureyi (Abaheburayo) 2:11–18 | Mt. Luka 1:24–38 |
|---|---|---|---|

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Ishyiremo umwuka wo kubaha**

***Uyu munsi mukuru urarebana niki?***

Umunsi mukuru wizihiza ugutangaza k’umumalayika Gaburiyeli abwira isugi Mariya ibirebana n’ivuka rya Kristu. Intangiriro zo kuzuza isezerano ry’Imana ryo kohereza Umwana wayo kugira ngo acungure isi.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Imana ni yo yatangije umugambi w’agakiza ku bantu. Gutangazwa no kwihindura umuntu k’Umwana w'Imana, byari byarateganyijwe n'Imana ubwayo kugira ngo abantu bazabone agakiza. Ariko nanone, tubona ko igihe Umubyeyi Mariya yemeraga ibyo Imana ishaka, tubona ko hari n’uruhare rw’abantu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Kurikiza urugero ruhebuje rwatanzwe n’umubyeyi Mariya, kandi ugire umwuka wo kumvira, ndetse n'iyo ibyo Imana ishaka byaba bisa n'aho bigoye cyangwa bitumvikana neza.

2. Kwemera twicishije bugufi ibyo Imana yatwigishije no kubishyira mu bikorwa, ni inzira igana ku gakiza n'imigisha.

3. Duhamagariwe kugira uruhare rugaragara mu murimo Imana yadushinze hano ku isi – mu magambo no mu bikorwa – tumenya ko Imana ikorana n'abantu.

| 30 Werurwe 2025 | Icyumweru cya Gatanu cy'Igisibo Gikuru (Gukiza Umugore Wamugaye) Icyumweru cya 22 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Izayi (Yesaya) 50:1–5 | Zaburi 107:1–3, 17–22 | 1 Petero 3:8–16 | Mt.Luka 13:10–17 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Imana ishaka ko tuba abanyempuhwe**

***Ni Iki dusanga muri iki gice?***

Yezu yakijije umugore ku Isabato. Mu igihe umutware w'isinagog i wari urakaye yashinjaga Yezu ko arenga ku migenzo yabo, Yezu yashyize ahabona uburyarya bwe.

***Ni iki twigira muri ibi?***

N'ubwo amategeko n'amabwiriza ari byiza, ntagomba gutuma tuba impumyi cyangwa ngo bitume tutita ku byo abandi bakeneye. Imibereho myiza y'abantu igomba kuba ikintu cy'ibanze mu myitozo yacu yose yo mu buryo bwa Roho.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Kwifata mu bya roho nko gusenga, kwiyiriza ndetse n'ibikorwa by'urukundo dukora muri iki gihe cy'igisibo gikuru, bitugira abicisha bugufi. Irebe imbere maze wisuzume ubwawe. Ese uku kwifata (amategeko) bigufasha kuba umunyempuhwe ku bandi? *[Mt. Matayo 12:7]*.

2. Nimucyo tureke kwiratana ubutungane nk'abafarizayi, ahubwo twicuze ukwirata ubutungane dusabe Imana kuba nk'abana bato nanone *[Mt. Matayo 18:3]*.

3. Mu buryo buhoraho dukurikire kwifata kwa Roho, twifatanya twese na Kiliziya muri ibi bihe by'igisibo gikuru.

f

**6 Mata 2025** **Icyumweru cya Gatandatu cy'Igisibo Gikuru (Ugukiza Umugabo w'Impumyi)**

**Icyumweru cya 23**

| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
|---|---|---|---|
| Ivugururamategeko (Gutegeka kwa Kabiri) 25:13–16; 26:1–13 | Zaburi 119:9–16 | Abanyefezi (Abefeso) 5:1–14 | Mt. Yohani(a) 9:1–41 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Guhumura**

***Iki gice kitubwira iki?***

Yezu yakijije umuntu wari waravutse ari impumyi. Hanyuma atanga ubuhamya bw'ibyo Imana yakoreye Abafarizayo batizera.Ubwa nyuma Yezu yigararagarije ubwe uwo mugabo.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Icyaha umuntu yakoze cyangwa icyaha cy'ababyeyi be si ko buri gihe gituma habaho imibabaro n'indwara. Binyuze kuri icyo "gitangaza cy'ubuhanga yakoze", tubona ko mu by'ukuri Yezu ari Imana, kandi umuntu wakijijwe atwigisha uko twaba abahamya b'Abakristu bidasubirwaho.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa***

1. Ubuhamya bwacu bwa Yezu butuma turwanwa tukanatotezwa.
2. Senga usaba kugira ubutwari, gushira amanga, n'icyizere mu mibereho yose, kugira ngo uhore ushikamye kuri Yezu.
3. Icyakora, tugomba kubwira abandi ibyo Imana yadukoreye, kugira ngo na bo bashobore kumenya uwo Yezu ari we by'ukuri.

| 13 Mata 2025 Hozana/Icyumweru cya Mashami Icyumweru cya 24 UMUNSI MUKURU W'ICYUMWERU CYA MASHAMI | | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Mika 4:1–5 | Zaburi 118:1–2, 19–29 | Abanyaroma (Abaroma) 8:18–25 | Mt. Yohani(a) 12:12–19 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Umugaragu w'Umwami**

***Ni iki twizihiza muri uyu munsi mukuru?***

Yezu yinjiye i Yeruzalemu, agendera ku ndogobe, maze imbaga y'abantu benshi bamwakira nk'Umwami, bafite amashami y'imikindo kandi baririmba cyane bati "Hozana".

***Ni iki twigira muri ibi?***

Mbere gato y'uko icyumweru gitagatifu, ni ukuvuga icyumweru cya nyuma cy'ubuzima bwa Yezu ku isi, gitangira, Yezu yujuje ubuhanuzi buvuga ibya Mesiya. Abantu babonaga ko Yezu yari kuzabakura mu bubata bwa politiki. Ariko kandi, igihe Yezu yinjiraga agendera ku ndogobe, aho kwicara ku ifarashi nk'Umwami wo ku isi, yerekanye Ubwami buhoraho yaje gushyiraho.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Nimucyo tube abantu bicisha bugufi kandi dukorere abandi nk'uko Kristu yabigenzaga. Yavuze kandi agaragaza ko ukomeye kuruta abandi ari umugaragu wa bose. Ni we Mwami wacu udukorera.
2. Ntimuzatangazwe n'uko abazatwakira ubu bazaturwanya nyuma. Uko ni ko byagendekeye Yezu, Umwigisha wacu.
3. Nimwige kwizera no kugira ibyiringiro byacu by'igihe kizaza cy'ikuzo, aho kwiringira ikuzo cyangwa imibabaro byo muri iki gihe.

| 20 Mata 2025 | Icyumweru cya 25<br><br>UMUNSI MUKURU WA PASIKA | | Icyumweru cya Pasika (Kymtho) |
|---|---|---|---|
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Ibyakozwe n'Intumwa 2:22–36 | Zaburi 16 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 15:1–19 | Mt. Matayo 28:1– 20 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Itsindwa ry'urupfu**

***Ni iki uyu munsi mukuru uvuga?***

Abigishwa ba Yezu babaye abahamya b'uko yazutse kandi ko yatsinze urupfu, mu gihe abarwanyaga Yezu bageragezaga guhisha ukuri. Nyuma y'aho, Yezu yahaye abigishwa be Umurimo Ukomeye.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Pasika ni cyo kintu gikomeye kurusha ibindi byose byabayeho mu mateka – kubera ko Yezu yatsinze urupfu! Niba kandi Kristu atarazutse, ukwemera kwacu ni ubusa [1 Abakorinto 15:14] kandi dukwiriye kujya mu mahanga yose dushize amanga twahawe mu kuzuka kwa Kristu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ntabwo twagombye kugira ubwoba bw'urupfu ukundi, kubera ko Yezu yatsinze urupfu.

2. Muri iki gihe tubwirane tuti: Kristu yazutse, mu by'ukuri yazutse!

3. Tugomba gusangiza abandi aya makuru y'iby'iringiro dufite.

**27 Mata 2025** **Icyumweru Gishya**
**Icyumweru cy'Urubyiruko –Ituro ry'Umwihariko**
**Icyumweru cya 26**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| Izayi (Yesaya) 40:9–15 | Zaburi 133 | 2 Timote(yo) 2:1–13 | Mt.Matayo 20:19–31 |
|---|---|---|---|

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ugutsinda ubwoba bwacu no gushidikanya**

***Iki gice kitubwira iki?***
Yezu wazutse yabonekeye abigishwa be bari bafite ubwoba. Abaha amahoro ye, abasezeranya Roho Mutagatifu n'imbaraga zo kubabarira ibyaha. Yongeye kubabonekera ku ncuro ya kabiri, akuraho ugushidikanya kwa Mutagatifu Tomasi, wamwizeye avuga ati ari "Umwami wanjye n'Imana yanjye".

***Ni iki twigira muri ibi?***
Kuba Kristu wazutse ari kumwe natwe, bituma tudakomeza kugira ubwoba. Yezu arimo aha abigishwa be inshingano yo gukomeza umurimo We w'ubuherezabitambo, kandi ahindura ugushidikanya kwa Tomasi guhinduka amagambo akomeye y'ukwemera.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***
1. Ese dufite ubwoba? Wibuke ko izuka rya Kristu riri kumwe natwe! [Mt. Matayo 28:20]
2. Ese turashidikanya? Imana yadukoresha kugira ngo ituyobore mu kugira ukwemera gukomeye igihe tuguhamya.
3. Ntukirengagize abantu bagaragara ko bafite ubwoba kandi bashidikanya. Imana ishobora kubahindura kandi ikabakoresha ku bw'ikuzo ryayo, nk'uko byagenze ku bigishwa.

**Mutagatifu Tomasi, wa wundi washidikanyaga, nyuma y'aho yaje gukoreshwa n'Imana kugira ngo ageze Ivanjili ya Yezu Kristu mu bice byinshi by'isi harimo n'u Buhinde, aho yatanze ubuzima bwe nk'intwari y'umumaritiri..*

| 4 Gicurasi 2025 | Icyumweru cya Mbere nyuma y'Icyumweru Gishya | | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 27 | | | |
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Yozuwe (Yosuwa) 6:9–21 | Zaburi 4 | Abanyefezi (Abefeso) 6:10–24 | Mt. Yohani(a) 21:1–14 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ntuzigere ureka umuhamagaro wawe**

***Iki gice kiratumenyesha iki?***

Nyuma y'ijoro ryose bamaze baroba ariko ntibagira icyo bageraho, Kristu wazutse yeretse abigishwa be uko baroba amafi mu buryo bw'igitangaza, kandi arababonekera.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Iki gitangaza cyibutsaga abigishwa igitangaza cya mbere Yezu yakoze [Luka 5:1-11] bityo kikabibutsa guhamagarwa kwabo –bagirwa abarobyi b'abantu [Matayo 4:19]. Nanone kandi, ifatwa ry'amafi menshi ni ishusho y'uko abigishwa bazazana abantu mu Bwami bw'Imana.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Igihe ugize ikigeragezo kigusubiza inyuma mu muhamagaro wawe, Yezu aratwibutsa umuhamagaro wacu wo kuba abarobyi b'abantu.

2. Binyuriye kuri twe, abigishwa be bagomba kumenya ibya Yezu.

3. Sengera abo bose bagiye kure y'umuhamagaro wa Kristu mu buzima bwabo, kugira ngo babashe kugaruka ku rukundo rwayo n'umuhamagaro.

| 11 Gicurasi 2025 | Icyumweru cya Kabiri nyuma y’Icyumweru Gishya<br>Icyumweru cya 28 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Ibyakozwe n’Intumwa 4:8–21 | Zaburi 100 | Abahebureyi (Abaheburayo 3:1–13 | Mt.Yohani(a) 21:15–22 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Yezu araducungura**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Yezu acungura Mutagatifu Petero wamwihakanye incuro eshatu [Luka 22:31] maze ahanura ukuntu mu gihe kizaza yari gutanga ubuzima bwe ku bwa Shebuja.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Yezu ashaka gucungura abantu bose; ndetse n'umuntu wamuhakanye hanyuma agaha inshingano iremereye cyane nk'uko tubibona iyahawe Mutagatifu Petero yo kugaburira umukumbi We. Urukundo rwa Yezu rushobora guhindura umuntu uwo ari we wese, nk'uko rwahinduye cyane Mutagatifu Petero, ku buryo yari yiteguye gutanga ubuzima bwe ku bw'umwigisha we.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa***

1. Nta numwe utagerwaho n’urukundo rwa Yezu.
2. Yezu azaducungura atugarure mu ntumwa, igihe twicujije tukakira urukundo rwe.
3. Senga kandi ukore cyane bizakugira umuhamya w’indahemuka wa Yezu, ndetse no mu rupfu rwacu.

| **18 Gicurasi 2025** | **Icyumweru cya Gatatu nyuma y’Icyumweru Gishya** | | |
|---|---|---|---|
| | **Icyumweru cya 29** | | |
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Iyimukamisiri (Kuva) 34:4–12 | Zaburi 22:25–31 | 1 Yonahi(a) 5:13–21 | Mt.Luka 24:13–35 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Ibyanditswe na Ukarisitiya bifungura amaso yacu tukamenya Yezu cyane**

***Iki gice dusangamo iki?***

Igihe Yezu yari kumwe n'abigishwa babiri bari mu nzira ijya Emawusi, yabanje kubasobanurira Ibyanditswe bivuga ibya Mesiya. Hanyuma, mu gihe yasangiraga na bo umugati, yarabigaragarije.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Iyo dusomye ibyanditswe bitagatifu, tukabyumva kandi tukabyigishwa mu buryo bukwiriye, bizatwemeza kandi bitugeze kuri Kristu. Nanone kandi, tumenya ko mu gihe tuzaba twifatanyije muri Ukaristiya ntagatifu (tumanyura umugati), amaso yacu azahumuka kugira ngo tumenye Yezu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Tugomba kubigira umuco wo gusoma, kumva kandi tukigira mu byanditswe bitagatifu.

2. Mu gihe twumva twacitse intege cyangwa duhangayitse, kimwe n'abo bigishwa babiri, nimucyo twihatire gusoma ibyanditswe bitagatifu. Bizatwemeza kandi bitwereke Yezu.

3. Tugomba buri gihe kwifatanya muri Ukaristiya. Ni muri yo kandi binyuriye kuri yo, amaso y'imitima yacu azafungurwa kugira ngo tumenye Yezu kurushaho kandi dusangire kamere n’Imana [2 Petero 1:4].

**25 Gicurasi 2025** **Icyumweru cya Kane nyuma y’Icyumweru Gishya**

**Icyumweru cya 30**

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 54:1–8 | Zaburi 98 | 1 Petero 3:17–22 | Mt. Luka 9:51–62 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Ikiguzi cyo kuba intumwa ya Yezu**

***Iki gice dusangamo iki?***

Mu gihe Yezu yari yiyemeje kujya i Yeruzalemu no kwihanganira imibabaro, hari abantu batatu bamugaragarije ko bifuzaga kumukurikira. Yezu yababwiye icyo bisaba kugira ngo umukurikire.

***Ni iki twigira muri ibi?***

N'ubwo dushobora kwifuza gukurikira Yezu, incuro nyinshi ntituzirikana icyo bisaba. Ariko aha ngaha, Yezu arimo kuduhatira ngo twiyemeze gukora ikintu runaka duhitamo ikiguzi bizadusaba, maze tumukurikire mu budahemuka buzira amakemwa.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Niba dutekereza ku mudendezo wo ku isi, ntituzashobora gukurikira Yezu n'umutima wacu wose [vs. 58].

2. Sobanukirwa nuko ntacyaduhagarara imbere, yaba n’ababyeyi bacu, mu kuzuza umugambi wa Kristu [vs. 59].

3. Ntitugomba gusubira inyuma, ahubwo tugomba kujya mbere ntagukererwa [vs. 61].

**29 Gicurasi 2025 Kuwa Kane**

## UMUNSI MUKURU WA ASENSIYO Y’UMWAMI WACU

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Ibyakozwe n’Intumwa 1:1–11 | Zaburi 47 | Abanyefezi (Abefeso) 1:15–23 | Mt. Luka 24:36–53 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Kristu azagaruka, nk’uko yagiye mu ijuru**

***Uyu munsi mukuru utumenyesha iki?***

Uyu munsi mukuru wibutsa izamuka ry'Umwami wacu Yezu Kristu mu ijuru, nyuma yo kumara iminsi 40 ari kumwe n'abigishwa be nyuma y'izuka rye.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Umunsi mukuru w'ibyiringiro – Kubera kuzuka kwa Yezu no kuzamuka kwe ajya mu ijuru, tubona ko urupfu ruduha ibyiringiro – nk'irembo ryo kujya mu ijuru. Umunsi mukuru w'ibyishimo – Kuko Yezu yatwoherereje Roho Mutagatifu kugira ngo atugereho kandi atuyobore mu nzira y'ukuri n'ubugingo. Umunsi mukuru wo gutegereza – Kuko utwibutsa ukuza kwa kabiri kwa Yezu. Ni yo mpamvu dutegereje kandi tukihatira gukomeza kuba abantu basukuye kandi batagatifu, kugira ngo igihe azaba aje, azatubone turi abagaragu bizerwa bategereje ukuza kwe.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Nta gutinya urupfu ukundi!
2. Saba Roho Mutagatifu aduhe imbaraga kugira ngo tube abahamya ba Yezu umwami wacu.
3. Ujye uhora witeguye buri gihe, ‘ukugaruka kwa kabiri kwa Yezu.

| 1 Kamena 2025 | Icyumweru kibanziriza Pentekositi<br>Icyumweru cya 31 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Yozuwe (Yosuwa) 1:5–9 | Zaburi 1 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 7:1–2, 25–34, 9:1–10 | Mt.Yohani(a) 17:13–26 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Isengesho ry'ubumwe**

***Iki gice kitubwira iki?***

Mbere gato y'uko Yezu afatwa akajyanwa mu rukiko, yasenze Se wenyine – mbere na mbere asabira abigishwa be, hanyuma asabira n'abandi bari kuzamwizera binyuze ku bigishwa be.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Nubwo turi mu isi, ntituri abayo. Isengesho rikomeye rya Yezu ryari iry'uko "twese twaba umwe" ni ukuvuga ubumwe nyakuri mu bemera; kuko ari bwo abandi bazemera Yezu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Twoherejwe mu isi kugira ngo dufashe isi kumenya ibya Yezu [vs. 18].
2. Nubwo isi yakwanga, Imana izakurinda igukize sekibi [vs. 14,15].
3. Tugomba kurwanirira kuba umwe muri twe, ni ubwo buryo tubasha kumenya Yezu [vs. 21] maze tubashe kuba uwe.

**8 Kamena 2025 Pentekositi (Umunsi wa mirongo itanu nyuma ya Pasika) Icyumweru cy’Ubukozi bw’Imana –Ituro ry’umwihariko**

**Icyumweru cya 32**

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Ibyakozwe n’Intumwa 2:1–21 | Zaburi 104:24–34, 35b | Abanyagaratiya (Abagaratiya) 5:16–26 | Mt. Yohani(a) 16:1–15 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Roho Mutagatifu umufasha wacu**

***Iki gice kiratumenyesha iki?***

Yezu abwira abigishwa be ko agiye kubasiga kandi ko Roho Mutagatifu azabohererereza, azagumana na bo iteka ryose [Yohani(a) 14:16] kandi akabayobora mu kuri kose [Yohani(a) 16:13].

***Ni iki twigira muri ibi?***

Roho Mutagatifu ni umufasha wacu, ni umuhumuriza wacu, ni umujyanama wacu, ni n'umuyobozi wacu. Roho Mutagatifu ari muri twe kandi ni Roho w'ukuri utuma Imana imenyekana kandi igacira isi urubanza.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Igihe dukurikiye Yezu, tugomba kwitegura gutotezwa [vs 1-3].
2. Igihe twiyumvise ko turi twenyine, uzirikane umuhumuriza, umufasha, Roho Mutagatifu ahorana natwe [vs 6,7].
3. Roho Mutagatifu twamuhawe kugira ngo aduhe imbaraga zo kuba abahamya b’ukuri b’imbaraga, ku isi hose [Ibyakozwe n’Intumwa 2:11].

| 15 Kanama 2025 | Icyumweru cya Mbere Nyuma ya Pentekositi | | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 33 | | | |
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Yeremiya 29:10–16 | Ibyakozwe n'Intumwa 17:10–15 | 2 Abanyakorinti (Abakorinto) 5:14–6:10 | Mt. Yohani (a) 6:26–35 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Yezu Umugati w'Ubuzima**

***Ni iki dusanga muri iki gice ?***

Abenshi bakurikiye Yezu nyuma yo kugaburira abagabo 5000, tutabariyemo abagore n'abana, yifashishije ibisate bitanu by'imigati. Yezu abereka inzira yo gushaka ibyo kurya bihoraho, urugero: Ubwe yarivugiye ati ni njye mugati nyakuri uturuka mu ijuru, umugati w'Imana utanga ubuzima ku isi.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Ntugashakishe ibimenyetso, ahubwo ujye ushaka nyiribimenyetso – Yezu. Umwemere kandi azuzuza inyota n'umuhati byacu iteka.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa***

1. Igihe twakiriye imigisha n'ibitangaza, ntuzibagirwe Imana, isoko y'imigisha yacu yose.

2. Kurikira kandi ushakishe Yezu kuko ariwe soko y'ubuzima bw'iteka.

3. Ujye uhora ugira uruhare muri Ukaristiya Ntagatifu, kubera ko Yezu yitanze ubwe ku bwacu binyuze muri iri sakaramentu [Mt. Yohani (a) 6:51, 53].

**22 Kanama 2025** **Icyumweru cya Kabiri Nyuma ya Pentekositi**

**Icyumweru cya 34**

| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
|---|---|---|---|
| Daniyeli 6:25–28 | Ibyakozwe n'Intumwa 4:23–31 | Abanyefezi (Abefeso) 2:11–22 | Mt. Matayo 10:5–16 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Uwoherejwe kwigisha no gukiza**

***Ni iki dusanga muri iki gice ?*** [Reba nanone muri Mt. Luka 9:1-6]

Yezu aduha amabwiriza mu buryo busobanutse – ni iki watwara, ni he tuzajya, ni gute tuzasubiza, nk'uko yohereje abigirwa be kugira ngo bajye kwigisha Ingoma y'Imana kandi ngo bakize abarwayi.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Umurimo wa Yezu wari uwo kwigisha no gukiza. Ubu wasangijwe abigishwa be, bagombaga "kugenda" bafite intekerezo imwe yo kwita ku mugambi no kuwusangiza k'ubuntu nk'uko bawakiriye bawukuye kuri Yezu.

***Ni Gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Nk'abigishwa ba Yezu, twahamagariwe kwigisha no gukiza – mu bikorwa byacu n'amagambo yacu.
2. Ntabwo tugomba kurangazwa n'imigambi yacu. Imana izita ku by'ifuzo byacu.
3. Turi abatwazi b'amahoro n'imbabazi, kuri bose bayakira.

**29 Kanama 2025** **Icyumweru cya Gatatu nyuma ya Pentekositi**
**Icyumweru cya Seminari ––*Ituro ry'Umwihariko***

**Icyumweru cya 35**

| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
|---|---|---|---|
| Yeremiya 3:1–5 | Ibyakozwe n'Intumwa 13:26–39 | Abanyagalatiya (Abagalatiya) 6:10–18 | Mt. Yohani(a) 6:35–46 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Uwoherejwe gukora ugushaka kwa Data**
***Ni iki dusanga muri iki gice ?***

Muri iki gice, Yezu yongeye kuvuga ko ari we mugati wavuye mu ijuru, kugira ngo akore ibyo Se ashaka, bituma Abayahudi batamenye uwo ari we by'ukuri.

***Ni iki Twigira muri ibi ?***

Tumenya ko Yezu ari Imana; ko ari Umwana w'Imana, Umugati utanga ubuzima woherejwe uturutse mu ijuru. Imana Data ishaka ko abantu bose babona ubuzima bw'iteka, binyuriye ku Mwana wayo Yezu Kristu.

***Ni Gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Nka Yezu, tugomba gushyira ugushaka kwacu imbere y'ugushaka kwe mu buzima bwacu.
2. Dufashe abandi kubona Yezu no kumwizera – niyo nzira yonyine babasha kugira ubugingo buhoraho.
3. Ubuzima buhoraho bukomezwa kandi bugaterwa inkunga no kwifatanya mu isakaramentu ry'Ukaristiya Ntagatifu. Muri Ukaristiya, Yezu atwitangira mu mugati no muri divayi.

| 6 Nyakanga 2025 | | Icyumweru cya Kane nyuma ya Pentekositi | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 36 | | | |
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Izayi (Yesaya) 65:8–12 | Ibyakozwe n'Intumwa 6:1–7 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 16:14–22 | Mt. Luka 10:1–16 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ukuri k'umusaruzi n'ababibyi**

***Iki gice kiravuga iki?***

Yezu yohereza abigishwa be 70 kogeza ubutumwa no gukiza abantu. Yabibukije ko bagomba gusohoza iyo nshingano, akenshi mu bihe byabashyiraga mu kaga. Nanone kandi, Yezu yatanze impuruza ku bihereranye n'akaga ko kwanga Kristu n'imirimo Ye.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Yezu avuga ko umusaruro ari mwinshi (bivuze gusa ko hari abantu benshi hanze y'isi bakeneye kumva no kwitabira Ivanjili). Ku bw'ibyo rero, tugomba gusenga dusaba ko haboneka abakozi benshi kugira ngo basarure. Muri uyu murimo, tugiye kuba nk'abana b'intama mu birura.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Senga ubudasiba, ubigirane ubwitonze kandi buri gihe ku Mana kugira ngo itugwirize abakozi bo kuzuza umugambi wa Yezu.

2. Tugomba kwitegura ibitotezo, bityo tukaba abanyabwenge cyane mu gihe tugeza ku bandi Ubutumwa Bwiza.

3. Nimucyo twe ababonye imirimo ikomeye y'Imana kandi tukayibamo, twibuke kwicisha bugufi no kugira imibereho irangwa no kwihana.

| 13 Nyakanga 2025 | | Icyumweru cya Gatanu nyuma ya Pentekositi | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 37 | | | |
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Izayi (Yesaya) 40:27–31 | Ibyakozwe n'Intumwa 9:10–18 | 2 Abanyakorinti (Abakorinti) 5:14–20 | Mt. Luka 9:10–17 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Imbaraga z'Imana mu ntege nke zacu**

***Iki gice kivuga iki? ?*** [Reba nanone muri Mt. Yonani(a) 6:4-14]

Muri icyo gitangaza cyanditswe mu Mavanjiri yose uko ari ane, Yezu yagaburiye abagabo 5.000 (ndetse n'abana n'abagore) akoresheje imigati itanu n'amafi abiri gusa, ibyo bikaba bigaragaza ko Imana ifite ubushobozi burenze ubushobozi bw'abantu.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Iyo duhuye n'ikibazo kandi tukaba tudafite uburyo bwo kugikemura, dutanga ibyo dufite byose kuri Yezu. Ibyo bizaba bihagije ku buryo Imana izatwongerera ibyo dukeneye.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Yezu azatubwira, nk'uko yagerageje intumwa ze, kugira ngo arebe niba zimwizeye.

2. Igihe uhanganye n'ikifuzo, aho gukomeza guhangayika, izere Imana ko izabiguha.

3. Iyo Imana ikoresheje wowe kugira ngo ufashe abandi, na yo izaguha ibyo ukeneye. Wibuke ko hasigaye inkangara 12 byuzuye, nyuma y'uko abantu bose bariye bagaha n'abigishwa.

| 20 Nyakanga 2024 | Icyumweru cya Gatandatu nyuma ya Pentekositi | | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 38 | | | |
| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
| Izayi (Yesaya) 14:22–27 | Ibyakozwe n'Intumwa 1:15–20 | 1 Abanyakorinti (Abakorinti) 8:1–6 | Mt, Matayo 15:32–39 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Imana ishobora kuduha ibyo dukeneye byose**

***Iki gice kitubwira iki?***

Muri icyo gikorwa cya kabiri cyo kugaburira imbaga y'abantu, Yezu abonye ko bamaze iminsi itatu nta cyo bafite cyo kurya, yakoze igitangaza, agaburira abagabo 4.000 hamwe n'abagore n'abana imigati irindwi.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Nanone kandi, Yezu ahangayikishwa n'ibyo dukeneye mu buryo bwa Roho no mu buryo bw'umubiri. Igihe abigishwa bahaga Yezu udufaranga duke bari bafite, twari turenze utwo bari bakeneye.

***Ni gutwe twabishyira mu bikorwa?***

1. Dusenge dusaba ko twabona abantu mu buryo burangwa n'impuhwe nk'uko Yezu yabibonaga.

2. Ntimugacike intege niba dufite ibintu bike gusa byo guhaza ibyo dukeneye. Icyo Yezu yahawe cyose, azakigwiza kugira ngo ahaze ibyo dukeneye byose.

3. Yezu yifuza guhaza ibyo abantu bakeneye binyuriye kuri twe abigishwa be. Ni twe maboko ye n'ibirenge bye.

| 27 Nyakanga 2025 | | Icyumweru cya Karindwi nyuma ya Pentekositi | |
|---|---|---|---|
| Icyumweru cya 39 | | | |
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Izayi (Yesaya) 57:15–19 | Ibyakozwe n'Intumwa 4:32–37 | Abanyefezi (Abefeso) 2:11–22 | Mt. Mariko 3:20–30 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Yezu afite ububasha ku mbaraga z'ibibi**

***Iki gice dusangamo iki?***

Igihe Yezu yirukanaga umudayimoni, hari bamwe bavuze ko yabikoze binyuriye ku mbaraga z'abadayimoni. Yezu ababaza uburyo ubwami bubi bushobora kwiyonona, avuga ko ari we muntu ukomeye wazanywe no gukiza abafashwe mpiri n'umunyambaraga [Luka 11:21, 22].

***Ni iki Twigira muri ibi?***

Yezu, Umwana w'Imana, yaje kugira ngo abohore abari baraboshywe n'imbaraga z'ikibi. Ariko n'ubwo bakoraga iyo mirimo myiza, abenshi ntibari basobanukiwe neza aho imbaraga Ze zituruka ndetse n'imigambi Ye.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ntitugomba gutinya imbaraga mbi; Yezu Kristu arusha izo mbaraga zose imbaraga.

2. Dusabire abagizwe imbohe za sekibi kugira ngo bakizwe mu izina rya Yezu.

3. Ntucike intege mu gihe bamwe bumva nabi, bagashidikanya, cyangwa bakarwanya imirimo y'Imana.

**3 Kanama 2025** **Icyumweru cya Munani nyuma ya Pentekositi**

**Icyumweru cya 40**

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 52:1–6 | Zaburi 23 | 1 Petero 2:4–10 | Mt. Yohani(a) 6:47–59 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Umubiri n'amaraso bya Yezu bitanga ubuzima**

***Iki gice kivuga iki ?***

Muri iki gice Yezu ashyiraho amahame shingiro ya Ukarisitiya Ntagatifu (Ugusangira Gutagatifu).

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Mu gihe cy'Isakramentu ry'Ukaristiya, mu buryo bw'amayobera, turya umubiri w'Umwami Yezu kandi tukanywa amaraso ye. N'ubwo bigoye kubisobanukirwa, mu buryo bw'amayobera, iyo umugati n'icyo kunywa bihawe umugisha, bihinduka Umubiri Mutagatifu n'Amaraso matagatifu ya Kristu. Kandi iyo tuwugizeho ukwizera, biduhindura bashya mu buryo bwa Roho kandi bikaduha ubuzima bw'iteka.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Igitambo cy'Ukaristiya ni cyo gikuru cya kiliziya. Ni Kristu uri kumwe natwe, muri twe rwagati.

2. Ku bw'ibyo, ntitugomba gufatana uburemere buke Ukaristiya cyangwa ngo tuyibure.

3. Nimucyo tujye kuzana abarimo gupfa mu buryo bwa Roho, kugira ngo na bo bashobore kuba bamwe mu bagize Umubiri n'Amaraso bya Yezu bitanga ubuzima.

## 6 Kanama 2025 Kuwa Gatatu

**UMUNSI MUKURU WO KWIHINDURA UKUNDI KWA NYAGASANI WACU**

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Ivugururamategeko (Gutegeka kwa Kabiri) 16:13–17 | Zaburi 24 | 1 Yohani(a) 2:23–3:1 | Mt. Luka 9:27–36 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Uwahindutse agasa nka Kristu**

***Iki gice kivuga iki?***

Uyu munsi mukuru ni uwo kwibuka igitangaza cyabayeho igihe Umwami wacu Yezu Kristu yihinduraga isura, maze agahishurira abigishwa be ko ari Imana.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Byagaragaje kamere y'Imana ya Yezu kandi ko ari Umwana w'Imana ukundwa. Tubona Musa (wari warapfuye) agaragaye, aganira na Yezu. Ibyo ni igihamya cy'uko urupfu atari rwo herezo ry'abantu, kandi ko abera bapfiriye muri Kristu bakomeza gushyikirana n'Imana. Impinduka itwibutsa « theosis » « Imana ikorera muri twe kugira ngo iduhindure ishusho ya Yezu Kristu, inzira yuzuye yo kuba twebwe abantu dushyize hamwe mu bumwe n'Imana.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Kwifatanya mu isakaramentu ritagatifu cyane cyane Ukaristiya, bidufasha guhindura kamere yacu.

2. Imigenzo ya kiliziya, urugero nk'isengesho, kwiyiriza ubusa no gutanga imfashanyo, bidufasha guhindura imiterere yacu no kuyitunganya neza.

3. Dushobora guhangana n'ingorane duhura na zo mu buzima dufite ukwemera kuko umunsi umwe, tuzabona Imana imbona nkubone.

| 10 Kanama 2025 | Icyumweru cya Mbere nyuma y’Ukwihindura ukundi<br>Icyumweru cya 41 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Ivugururamategeko (Gutegeka kwa Kabiri) 25:13–16 | Zaburi 27 | Yakobo 4:7–5:6 | Mt. Matayo 21:28–32 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Ba ukora ugushaka kw’Imana**

***Iki gice kivuga iki?***

Uyu mugani uvuga iby'umuntu wari ufite abahungu babiri. Yasabye abo bahungu bombi gukora mu ruzabibu Rwe, ariko bitabiriye mu buryo bumwe, bakora ukundi. Yezu yakoresheje urwo rugero kugira ngo agaragaze uburyarya bw'abatambyi bakuru n'abakuru b'Abayahudi.

***Ni iki Twigira muri ibi?***

Kuvuga ikintu ntibihagije; ahubwo gukora ikintu cyiza mu gihe gikwiriye ni byo by'ingenzi. Nanone kandi, tumenya ko Imana iba hafi y'umunyabyaha uzi ko akeneye kubabarirwa, kuruta uko iba hafi y'umuntu w'umwibone mu buryo bwa Roho- uvuga ibintu byiza byose ariko akananirwa kubishyira mu bikorwa.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ntitukigire abakiranutsi n'abibone ahubwo tube nk'abanyabyaha bazi ko dukeneye kwihana no kugirirwa imbabazi [Luka 18:13].

2. Kora uko ushoboye kose kugira ngo ukomeze kwicisha bugufi [1 Petero 5:5 (b) ] mu mutima no mu myifatire.

3. Nimucyo tube abakora ibyo Imana ishaka, kuko ari bo bonyine bazinjira mu Bwami bwo mu ijuru [Matayo 7:21].

**15 Kanama 2025 Kuwa Gatanu**

**UMUNSI MUKURU W’ISINZIRA RYA TEWOTOKOSI**
**(*Shoonoyo*)**

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Iyimukamisiri (Kuva) 3:1–6; 19:16–23 | Ezekiyeli 44:1–3 | Abahebureyi (Abaheburayo) 2:14–18; 9:3–12 | Mt. Luka 11:22–28 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Urupfu ni urugi rutugeza mu ijuru**

***Uyu munsi mukuru utumenyesha iki?***

Uyu munsi mukuru wizihiza isinzira rya Bikira Mariya, Umubyeyi w'Imana.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Ibi bitwibutsa ukuntu Kiliziya yakundaga cyane Umubyeyi Mariya Umubyeyi w'Imana kandi ikamuha icyubahiro. Tumenya ko urupfu rutagomba kudutera ubwoba; ko ku bantu bapfira muri Kristu, urupfu ari ikintu gishimishije. Ntitugomba na rimwe kwibagirwa abapfuye; ahubwo twagombye gukomeza kubibuka.

***Ni gute Twabishyira mu bikorwa ?***

1. Twubaha kandi tugakunda Umubyeyi Mariya – umutagatifu ukomeye, binyuze mu gushengerera ishusho ye, nk'uko Kiliziya buri gihe ibigenza.
2. Iyo twibutse abatagatifu badutaye mu gihe cy'Igitambo cy'Imana no ku minsi yihariye, tuba dukomeza kubibuka.
3. Abo twabuze, nka Bikira Mariya na Nyir’icyubahiro Atanaziyusi Yohani, ubu bari kumwe na Yezu kandi baradusabira.
4. * Iyo dusenga Mariya Mutagatifu tumwita Theotokos – bisobanurwa ngo – Uwabyaye Imana –, tuba dushimangira ko kuba Yezu yari Imana n'umuntu bidatandukanye. Ahubwo hariho umuntu umwe ufite kamere ebyiri: kamere y'Imana n'iy'abantu. Yezu yari Imana-umuntu.

## 17 Kanama 2025 Icyumweru cya mbere nyuma y'Isinzira rya Bikira Mariya

### Icyumweru cya 42

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| 1 Samweli 8:4–9 | Zaburi 34:15–22 | Abanyefezi (Abefeso) 6:10–17 | Mt. Luka 6:39–45 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ntugacire abandi urubanza, ahubwo ba umunyembabazi**

***Iki gice kirarebana ni iki?***

Yezu yatanze umugani ugaragaza impamvu tutagombye gucira abandi urubanza, ahubwo tukicira urubanza.

***Ni iki twakwigira muri ibi?***

Twiga kudacira abandi imanza kuko tuzacirwa urubanza hakuri kijwe urugero ducira abandi [Matayo 7:1]. Nanone kandi, tumenya ko twagombye kubabarira abandi kandi tukaba abanyembabazi.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Mu gihe twaba dushutswe no gucira undi urubanza, twagombye kureka ibyo byose maze tukicuza, kubera ko tuba turiho urubanza rw'ibyo bintu twita ko ari iby'abandi.

2. Twagombye kuba abantu bababarira abandi tubikuye ku mutima, kubera ko Imana na yo itubabarira.

3. Buri gihe jya usenga isengesho rya Yezu: Nyagasani Yezu Kristu, Mwana w'Imana, mbabarira ndi umunyabyaha.

**24 Kanama 2025 Icyumweru cya Kabiri nyuma y'Isinzira rya Bikira Mariya**

**Icyumweru cya 43**

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| I(n)tangiriro 6:3–12 | Zaburi 12:1–7 | 1 Abanyatesaloniki (Abatesaroniki) 5:1–11 | Mt.Luka 11:9–20 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Ugusenga kudacogora**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Igihe Yezu yigishaga ibihereranye n'isengesho, yavuze ko Imana izadusubiza nidukomeza gusaba ibintu byiza. Igihe Yezu yakizaga umuntu wari waratewe n'amadayimoni, abantu benshi baratangaye, mu gihe abandi bo bageragezaga Yezu kandi bakamushinja ko yakoreshaga imbaraga za dayimoni kugira ngo akore ibitangaza.

***Ni iki twigira muri ibi ?***

Ntitwagombye kureka gusenga dusaba ibintu bishimisha Imana. Abagerageza Imana ntibigera bahabwa igisubizo bifuza [umurongo wa 16], kandi Yezu yirukana abadayimoni kubera ko ari Umwana w'Imana.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Ntitwagombye na rimwe gucika intege ngo tureke gusenga dusaba ibintu byiza. Jya wihangana.

2. Ntugasabe Imana ibimenyetso kugira ngo uyigerageze, ahubwo ujye wiringira isezerano ryayo.

3. Ndetse n'igihe ibintu byiza bizagera ku bantu mu izina rya Yezu, ukurwanwa kuzabaho.

| **31 Kanama 2025** | **Icyumweru cya Gatatu Nyuma y’Isinzira rya Bikira Mariya** | | |
|---|---|---|---|
| **Icyumweru cya 44** | | | |
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Ezekiyeli 18:21–24 | Zaburi 146 | 2 Abanyakorinti (Abakorinto) 10:1–7 | Mt Matayo 17:22–27 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Kuzuza inshingano zacu**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Yezu yahanuye iby'imibabaro n'urupfu rwe. Nanone kandi, yakoze igitangaza kugira ngo we na Petero Mutagatifu bombi bashobore kwishyura umusoro w'urusengero.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Tumenya ko Yezu yemeye gupfira ku musaraba. Nta muntu n'umwe wamuhatiye kubikora; yari abyiteguye. Yezu yifuzaga kwirinda gukomeretsa abandi bitari ngombwa, akomeza kuba indahemuka ku mirimo ya gisivili n'amategeko, bityo akaba yarishyuye imisoro.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Yezu azi ibintu byose, ni ukuvuga ibyo dukeneye n'igihe cyacu kizaza. Kumenya ibyo biraduhumuriza cyane.

2. Yezu yadusezeranyije ko azadufasha gusohoza inshingano zacu. Dukeneye gusa kumwizera kandi tukagandukira Kristu mu byo dutekereza byose.

3. Ntitugomba kubabaza abantu bitari ngombwa, n'ubwo twaba dufite uburenganzira bwo kubikora.

| 7 Nzeli 2025 | Icyumweru cya Kane nyuma y'Isinzira rya Bikira Mariya<br>Icyumweru cya 45 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Iyimukamisiri (Kuva) 3:1–6, 11–14 | Zaburi 37:1–11 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 3:16–23 | Mt. Matayo 5:38–48 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: : Kugendera mu Gukiranuka**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Mu gihe Yezu yigishaga abantu amahame twagombye gukurikiza mu mibereho yacu, yatsindagiye akamaro ko gukunda abandi, ndetse n'abatatugaragariza ineza cyangwa urukundo.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Twiga ko tutagomba gusubiza inabi iyindi nabi, ahubwo ko tugomba kugaragaza urukundo n'imbabazi. Mu kubigenza dutyo, twigana Data kandi tugenda turushaho kuba abantu batunganye.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa ?***

1. Jya usenga usaba kumenya kwifata kugira ngo nihagira umuntu ukubabaza mu magambo cyangwa mu bikorwa, utazamusubiza ukoresheje amagambo akomeretsa cyangwa urugomo.
2. Jya usenga ubikuye ku mutima usaba ko Imana yaha umugisha abakurwanya.
3. Gukurikiza amahame yo mu buryo bwa Roho, urugero nko gutanga imfashanyo, gusenga no kwiyiriza ubusa, [Mt. Matayo 6:1-18] bizadufasha kurushaho kumera nka Data wo mu ijuru.

**8 Nzeli 2025 Kuwa Mbere**

## UMUNSI MUKURU W'IVUKA RYA TEWOTOKOSI

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| I(n)tangiriro 28:10–17 | Ezekiyeli 43:27–44:4 | Abanyafilipi (Abafilipi) 2:5–11 | Mt. Luka 1:39–49, 56; 11:27–28 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Umubyeyi Bikira Mariya urugero rusumba izindi**

***Ni iki umunsi mukuru utumenyesha?***

Uyu munsi mukuru w'ivuka rya Mutagatifu Mariya, nyina w'Umwami wacu Yezu Kristu, nk'uko twabigejejweho n'umuco wa Kiliziya ntagatifu.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Tuzamenya ukuntu Imana yashubije amasengesho y'umugabo n'umugore we bari bageze mu za bukuru bari bariyeguriye Imana, n'ukuntu uwo mugabo n'umugore we batanze umwana wabo bari barasezeranyije, ari we Mariya, nk'impano batuye Umwami.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Kimwe n'ababyeyi ba Bikira Mariya, dufite igikundiro gikomeye cyo gutanga abana bacu, baba abahungu cyangwa abakobwa, kugira ngo bakorere Imana na Kiliziya yayo ntagatifu.

2. Dufite urugero rwiza rwo gukurikiza imigambi Ye mu buzima bw'Umubyeyi Bikira Mariya, wari umuntu nkatwe kandi wahisemo kumvira Imana mu buryo bwuzuye.

3. Tugomba kuba "insengero z'Imana ihoraho" nk'uko Umubyeyi Mariya yabigenje, kandi tukerekeza abantu bose kuri Kristu.

**14 Nzeli 2025**

## Icyumweru cya 46

## UMUNSI W’UMUSARABA MUTAGATIFU

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| Ibarura (Kubara) 21:4–9 | Zaburi 98:1–5 | Abanyagalati (Abagalatiya) 2:17–3:14 | Mt. Luka 21:5–28 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Insinzi y’Umusaraba**

***Ni iki uyu munsi mukuru utumenyesha?***
Uyu munsi mukuru wizihizwa mu rwego rwo kwibuka ibyabaye mu mateka byo kubona umusaraba w'ukuri, umusaraba wakoreshejwe mu kubamba Umwami Yezu Kristu.

***Ni iki twigira muri ibi?***
Tumenya ko mu kinyejana cya kane, Mutagatifu Helena yayobowe kugira ngo abone Umusaraba w'Ukuri, ikimenyetso cy'igitangaza cyemezaga ko ari wo, Umusaraba w'Ukuri, n'ukuntu umuhungu we, Umwami w'Abami Konsitantino, yaje kuhubaka Kiliziya.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Umusaraba ni ikimenyetso cy'ibanze cy'ukwemera kwacu, dukora ikimenyetso cy'umusaraba, dufite umusaraba ku gicaniro cyacu (mu rugo no mu rusengero) ndetse tukawambara.
2. Umusaraba ni ikimenyetso cy'intsinzi y'Imana ku bibi byose, tuzamura umusaraba mu mpande zose z'isi mu gihe cy'umunsi mukuru.
3. Iyo twitegereje umusaraba, dushimira Imana ku bwo kubabara kwa Kristu ku bwacu.

**21 Nzeli 2025**

**Icyumweru cya Mbere nyuma y'Umunsi Mukuru y'Umusaraba Mutagatifu**

**Icyumweru cya 47**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Izayi (Yesaya) 1:10–20 | Zaburi 34 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 2:10–16 | Mt. Mariko 13:28–37 |

**Insanganyamatsiko y'ivanjili: Nimube maso kandi mwitegure**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Nta gushidikanya ko Kristu azagaruka. Ariko kandi, kuba azagaruka "mu buryo butunguranye" bisobanura ko tugomba "kuba maso" kandi tukitegura.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Rimwe na rimwe, bitewe no gutinda kwe kuza, dushobora kurangazwa n'ibintu byo mu isi [Matayo 13:38, 39] maze tukagaragara ko tutiteguye [umugani w'abakobwa icumi]. Ntitugomba kureka ngo ubute n'ubwibone bigire uruhare mu mibereho yacu, ahubwo twagombye kuba abizerwa kandi tugakorana umwete mu murimo We kugeza igihe azagarukira.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ntuzigere na rimwe ushukwa n'abavuga ngo –Yezu azagaruka ku itariki runaka! Nta muntu n'umwe uzi igihe azagarukira, kandi natwe ntitwagombye gushaka kumenya igihe azagarukira.

2. Jya wizera udashidikanya ko Kristu azagaruka kutujyana, nk'uko yabisezeranyije.

3. Bityo rero, nimucyo dukomeze gukora ibyo Kristu yadushinze.

**28 Nzeli 2025**

## Icyumweru cya Kabiri nyuma y'Umunsi Mukuru w'Umusaraba Mutagatifu

## Icyumweru cya 48

| Amasomo yo mu Byanditswe | | | |
|---|---|---|---|
| 1 Abami 3:5–9 | Zaburi 19:7–14 | 1 Abanyakorinti (Abakorinti) 2:14–3:9 | Mt. Matayo 16:5–12 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Sobanukirwa n'abigishwa ndetse n'Inyigisho z'ubuyobe**

***Ni iki dusanga muri iki gice ?***

Hano, Yezu arimo araburira abigishwa be ko bagomba kuba maso kugira ngo inyigisho z'Abafarizayi n'Abasadusayi b'indyarya zitagomba kubatwara.

***Ni iki twigira muri ibi?***

N'ubwo abigishwa bari barabanye na Yezu, bari bafite imitima ikomeye kubera ko batari bafite ukwizera, ku buryo batashoboraga gusobanukirwa ukuri ko mu buryo bwa Roho. Nanone kandi, tumenya ko nk'uko umusemburo muto ushobora gukwirakwira mu myariko myinshi y'ifu, inyigisho z'ibinyoma na zo zishobora gukwirakwira mu buryo bwihuse kandi zikangiza ubuzima bw'abantu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Dusabe Imana kuduha ubushishozi n'imitima iboneye kugira ngo dusobanukirwe ukuri kwayo.
2. Komera ku nyigisho z'ukuri za Kiliziya ntagatifu – kugira ngo tutazayivamo.
3. Ntukemere abigisha b 'ibinyoma n'inyigisho zabo; zitazakurimbura.

**5 Ukuboza 2025**

**Icyumweru cya Gatatu nyuma y'Umunsi Mukuru w'Umusaraba Mutagatifu**
**Icyumweru cyahariwe Ababikira b'Umusaraba (SOC)—*Ituro ry'Umwihariko***
**Icyumweru cya 49**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| Imigani 1:2–9 | Zaburi 8 | Abanyaroma (Abaroma) 8:1–11 | Mt.Mariko 2:23–28 |
|---|---|---|---|

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Imbabazi zigomba kuganza amategeko**

Ni iki muri iki gice kitubwira? [kandi soma muri Mt Matayo 12: 1-14 & Mt. Luka 6:1-11]

Abafarizayi, bakaba bari abantu batagira icyo bahindura ku mategeko yabo yo mu rwego rw'idini, bashinje Yezu, kubera ko abigishwa be bicaga "itegeko" ry' Isabato. Yezu, we watanze Amategeko ubwe, abibutsa ko imbabazi atari ibitambo (ibikorwa byo mu rwego rw'idini) ari byo Imana yifuza [Matayo 12:7].

***Twigira iki muri ibi?***

Amategeko y'Imana ntiyagombye gukoreshwa mu gucira abantu urubanza; nta n'ubwo yagombye gutuma twirengagiza ibyo abandi bakeneye. Kugira "imbabazi" no gukora ibyiza no kwita ku bandi no ku byo bakeneye, bigomba kuza mu mwanya wa mbere kuruta gusohoza inshingano z'idini gusa.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Jya ugirira abantu imbabazi; ujye wita ku byo bakeneye kandi utinde kubacira urubanza.
2. Ntitukemere ko amategeko yo mu rwego rw'idini atuma tuba impumyi cyangwa ngo atubuze kwita ku bandi.
3. Jya wigana urugero rwa Yezu, ntukurikize urw'Abafarizayi bibonaga ko ari abakiranutsi.

**12 Ukwakira 2025**

**Icyumweru cya Kane nyuma y’Umunsi Mukuru w’Umusaraba Mutagatifu**

**Icyumweru cya 50**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| | | | |
|---|---|---|---|
| 1 Abami 8:22–30 | Zaburi 42 | 1 Abanyakorinto (Abakorinto) 1:21–29 | Mt. Luka 16:9–18 |

**Insanganyamatsiko y’Ivanjili: Jya ukoresha amafaranga mu budahemuka**

***Iki gice kiratubwira iki ?***

Uyu murongo uvuga ibyo kuba indahemuka, cyane cyane ku bihereranye n'amafaranga yacu (ibyo dutunze, ubukungu n'ibindi), uko imyifatire yacu ku mafaranga yagombye kuba imeze n'ukuntu ifitanye isano n'imigisha nyakuri yo mu buryo bwa Roho mu mibereho yacu.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Tumenya ko n'ubwo amafaranga ubwayo atari mabi, kuba indahemuka mu gukoresha amafaranga yacu (yaba ayacu cyangwa ay'abandi) bifitanye isano itaziguye n'uko Imana iduha imigisha yo mu buryo bwa Roho.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ba umwizerwa mu mafaranga n'umutungo Imana yaduhaye mu gutanga kimwe mu icumi, amaturo, imfashanyo n'umurimo w'Imana.

2. Ntuzigere na rimwe uba imbata y'amafaranga, ufata imyanzuro ushingiye ku mafaranga gusa.

3. Jya ukoresha amafaranga kugira ngo ugire incuti zihoraho.

**19 Ukwakira 2025**

**Icyumweru cya Gatanu nyuma y'Umunsi Mukuru w'Umusaraba Mutagatifu**

**Icyumweru cya 51**

**Amasomo yo mu Byanditswe**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Abalevi (Abalewi) 2:1–3 | Zaburi 46 | 1 Timote 6:13–21 | Mt.Matayo 23:1–12 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Abiyoroshya bazakuzwa**

***Ni iki dusanga muri iki gice?***

Yezu avuga ukuntu bamwe bakoresha nabi ubutware bwabo bwo mu buryo bwa Roho n'ukuntu twebwe abigishwa be twagombye kuba dutandukanye na bo.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Tumenya ko tudashobora kwihisha amaso y'Imana kandi ko imigambi yacu yose igaragarira Imana neza. Ku bw'ibyo, iyo twishyize hejuru, ntibimushimisha. Icyo Imana yishimira ni ukwicisha bugufi no kugira umutima w'umugaragu.

***Ni gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Ntitwagombye gukora ibintu tugamije gusa kurata abandi.
2. Abantu bose bafite ubutware bwo mu buryo bwa Roho bagomba 'gukora ibyo bavuga.'
3. Jya wihatira kwicisha bugufi no kugira umutima wo gukorera abandi.
4. *Ntukumve nabi uko Yezu akuburira kutita abayobozi indyarya ba Data n'abigisha, atubuza gukoresha ayo magambo. Kuva mu minsi ya mbere ya Kiliziya, abo Imana yahaye ubutware –Abepisikopi n'abapadiri bitwaga –'ba Data.'

| 26 Ukwakira 2025 | Icyumweru cya Gatandatu nyuma y'Umunsi Mukuru w'Umusaraba Mutagatifu<br>Icyumweru cya 52 | | |
|---|---|---|---|
| **Amasomo yo mu Byanditswe** | | | |
| Izayi (Yesaya) 43:16–25 | Zaburi 84 | 1 Abanyakorinti (Abakorinto) 5:6–13 | Mt.Luka 18:18–27 |

**Insanganyamatsiko y'Ivanjili: Gushyira Imana imbere ya byose**

***Iki gice kitubwira iki?***

Mu kiganiro Yezu yagiranye n'umutware w'umusore w'umukire kandi w'intungane, wifuzaga by'ukuri gukurikira Imana, yamufashije gusobanukirwa icyamubuzaga kwinjira mu Bwami bw'Imana.

***Ni iki twigira muri ibi?***

Kwinjira mu Bwami bw'Imana ni iby'ingenzi cyane kuruta ubutunzi bwose bwo mu isi. Ariko kandi, dushobora gukunda ubutunzi cyane ku buryo bushobora kutubuza kwinjira mu Bwami bw'Imana.

***Ni Gute twabishyira mu bikorwa?***

1. Kubahiriza amategeko ntibihagije; ahubwo umuntu agomba kuba yiteguye guhara byose ku bwa Kristu.
2. Ibintu byose - ubutunzi, imitungo, abantu, icyubahiro, umuryango, uburezi n'ibindi nk'ibyo byose bigomba kuza mu mwanya wa kabiri nyuma y'Imana.
3. Niba hari ikintu cyatuma tudakurikira Kristu mu buryo bwuzuye, dusenge dusaba ko Imana yadufasha gutsinda icyo cyifuzo. Koko nta kinanira Imana.

# KALENDALI YA KILIZIYA YA BEC: 2024-2025

| Itariki/Umunsi | Imisi Mikuru | Ubusobanuro |
|---|---|---|
| 3 Ugushyingo 2024, Ku Cyumweru | Itagatifuzwa rya Kiliziya (Koodhosh Eetho) | Itangira ry'umwaka wa liturujiya. Itagatifuzwa rya Kiliziya. |
| 10 Ugushyingo 2024, Ku Cyumweru | Kiliziya iragizwa Imana (Hoodosh Eetho) | Kiliziya iragizwa Imana/ Ivugururwa rya Kiliziya. |
| 17 Ugushyingo 2024, Ku Cyumweru | Zakariya amenyeshwa (Suboreh Dazkharyo) | Kuri iki Cyumweru ni bwo Malayika mukuru Gaburiyeli yatangarije Zakariya iby'ivuka rya Yohani(a) Umubatiza. |
| 21 Ugushyingo 2024, Kuwa Kane | **UMUNSI MUKURU WO GUTURA TEWOTOKOSI** | Uyu munsi mukuru wizihizwa mu rwego rwo kwibuka Bikira Mariya aturwa Imana mu rusengero rw'i Yeruzalemu akiri umwana muto. |
| 24 Ugushyingo 2024, Ku Cyumweru | Gutangariza Bikira Mariya (Theotokos) (*SuborebDabthalto*) | Ubutumwa bwatanzwe n'umumalayika mukuru Gaburiyeli Binyuriye kuri Bikira Mariya, Imana yamubwiye ko yari kuzaba nyina wa Yezu Kristu. |
| 1 Ukuboza 2024,Ku Cyumweru | Umunsi Mukuru w'Ivuka (iminsi 25 y'igisibo) | Ni igihe cyo kwiyiriza ubusa mu gihe cyo kwitegura ivuka rya Yezu Kristu. |
| 1 Ukuboza 2024, Ku Cyumweru | Mutagatifu Mariya asura Elizabeti (Mezalto) | Umunsi wo kwibuka igihe Mutagatifu Mariya yasuraga Elizabeti. |
| 8 Ukuboza 2024, Ku Cyumweru | Ivuka rya Yohani (a) Umubatiza (Mawlodeb-d-yubanon Mamdono) | Umunsi wo kwizihiza ivuka rya Yohani(a) Umubatiza. |

| Itariki/ Umunsi | Iminsi Mikuru | Ubusobanuro |
|---|---|---|
| 15 Ukuboza 2024, Ku Cyumweru | Kumenyesha Mt. Yozefu | Umumalayika mukuru Gaburiyeli amenyesha iby'ivuka rya Yezu rihabwa Yozefu Mutagatifu. |
| 18 Ukuboza 2024, Kuwa Gatatu | Iyicwa rya Mt. Tomasi intumwa | Umunsi wo kwibuka uwahowe Imana Mt. Tomasi. |
| 25 Ukuboza 2024, Kuwa Gatatu | **UMUNSI MUKURU W'IVUKA RYA KRISTU *(Yeldo)*** | Ivuka ry'Umwami wacu / Nyagasani yihindura umuntu. |
| 1 Mutarama 2025, Kuwa Gatatu | Umunsi mukuru wo gukebwa k'Umwami wacu | Kugira ngo twizihize igikorwa cyo gukebwa k'Umwami wacu, no kuba yariswe Yezu mu buryo buhuje n'imigenzo y'Abayahudi. |
| 6 Mutarama 2025, Kuwa Mbere | **UMUNSI MUKURU WA TEWOFANI YA NYAGASANI *(Denho)*** | Uyu munsi mukuru wizihizwa mu rwego rwo kwibuka umubatizo wa Yezu mu ruzi rwa Yorodani wakozwe na Mutagatifu Yohani(a) Umubatiza. |
| 7 Mutarama 2025, Tuesday | Umunsi wa Mt. Yohani(a) Umubatiza | Umunsi mukuru wo kwibuka iyicwa rya Mutagatifu Yohani(a) Umubatiza. |
| 8 Mutarama 2025, Kuwa Gatatu | Umunsi wa Mt. Sitefano | Umunsi mukuru wo kwibuka uwahowe Imana Mutagatifu Sitefano, umutware w'abadiyakoni akaba n'uwa mbere mu bahamijwe ukwemera. |
| 18 Mutarama 2025, Kuwa Gatandatu | Umunsi Mukuru wa Mt. Atanaziyusi Mukuru, Umukurambere wa Alegizandiriya | Uyu ni umunsi mukuru wa Mutagatifu Atanaziyusi Mukuru, Umukurambere wa Alegizandiriya mu kinyejana cya kane, ufatwa nk'Umudogiteri wa Kiliziya kandi witwa "Data w'idini rya orutodogisi". |

| Itariki/ Umunsi | Iminsi Mikuru | Ubusobanuro |
|---|---|---|
| 2 Gashyantare 2025, Ku Cyumweru | **UMUNSI MUKURU WO KUMURIKA KRISTU *(Mayaltho)*** | Babaga bizihiza umunsi umwana Yezu yaturwaga Imana mu ngoro. |
| 10 Gashyantare 2025, Kuwa Mbere | Igisibo cya Ninivi/ Itangiriro ry'igisibo cy'Iminsi 3 | Iki gisibo gikorwa hakurikijwe urugero rw'abantu b'i Ninivi mu bihe bya kera bumviye umuburo w'Imana binyuze ku muhanuzi Yonasi maze batangaza igisibo kuri bose, bifuza imbabazi z'Imana. |
| 16 Gashyantare 2025, Ku Cyumweru | Abapadiri bose batuvuyemo (Kohne Ku Cyumweru) | Umunsi wo kwibuka abapadiri b'indahemuka bapfuye, hamwe n'ukwizera kwabo nyakuri n'umurimo bakoraga muri Kiliziya Ntagatifu. |
| 23 Gashyantare 2025, Ku Cyumweru | Indahemuka zose zatuvuyemo (Icyumweru cya Aneedé) | Umunsi wo kwibuka indahemuka zose zapfuye. |
| 2 Werurwe 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya Mbere cy'Igisibo Gikuru (Pethurtha y'Igisibo Gikuru (Kothine Sunday) | Igihe cy'Igisibo cya Mbere gitangirana no kwibuka igitangaza cya mbere Yezu yakoreye i Kana. (Pethurtha- kugaruka, ntagusubira inyuma.) |
| 3 Werurwe 2025, Kuwa Mbere | Uwambere wa mbere w'Igisibo Gikuru | Umurimo wo kwiyunga ukorwa ku wa Mbere wa mbere w'Igisibo Gikuru kugira ngo ufashe abizerwa kwitegura kwinjira mu gihe cy'Igisibo Gikuru. |
| 9 Werurwe 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya Kabiri cy'Igisibo Gikuru | Umunsi wo kwibuka igitangaza cyo gukiza umubembe. |

| Itariki/ Umunsi | Iminsi Mikuru | Ubusobanuro |
|---|---|---|
| 16 Werurwe 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya Gatatu cy’Igisibo Gikuru (Icyumweru cya M´haryo) | Umunsi twibuka uko ikirema cyakijijwe. |
| 23 Werurwe 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya Kane cy’Igisibo Gikuru (Icyumweru cya Kna’naito) | Umunsi wo kwibuka uko umukobwa w’I kanani yakizwaga. |
| 25 Werurwe 2025, Kuwa Kabiri | **UMUNSI MUKURU WO GUTANGARIZA THEOTOKOS UBUTUMWA BW'IMANA** ***(Suboro)*** | Uyu munsi mukuru wibutsa inkuru y'uko Umwami wacu Yezu Kristu yigize umuntu, yavuzwe n'Umumarayika Mukuru Gaburiyeli abimenyesha Umubyeyi Bikira Mariya. |
| 30 Werurwe 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya Gatanu cy’Igisibo Gikuru (Icyumweru cya Kpiptho) | Umunsi wo kwibuka igihe Umugore w'ingumba yakizwaga. |
| 6 Mata 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya Gatandatu cy’Igisibo Gikuru (Icyumweru cya Samyo) | Umunsi wo kwibuka ikizwa ry’Umugabo wari impumyi. |
| 13 Mata, Ku Cyumweru | **ICYUMWERU CY’UMUNSI MUKURU WA MASHAMI** | Uyu munsi mukuru ni uwo kwibuka uko Umwami wacu yinjiye i Yeruzalemu mu buryo bw'intsinzi. |
| 16 Mata 2025, Kuwa Gatatu | Kuwa Gatatu Mutagatifu | Uyu ni umunsi wa gatatu w'Icyumweru Gitagatifu, aho Kiliziya yibuka ibintu bibiri<br>- Gusuka amavuta ahumura neza kuri Kristu yavuye ku "mugore w'umunyabyaha" no kuba Yuda yaragiranye amasezerano n'abayobozi b'Abayahudi kugira ngo agambanire Shebuja. Mu gihe cy'umurimo wo ku mugoroba kuri uwo munsi, Ubusanzwe isakaramentu ry'Ubusaseridoti ritangwa ku bizera. |

| Itariki/ Umunsi | Iminsi Mikuru | Ubusobanuro |
|---|---|---|
| 17 Mata 2025, Kuwa Kane | Kuwa Kane Mutagatifu | Ni kuwa kane w'Icyumweru gitagatifu, aho Kiliziya yizihiza Ifunguro ry'Igitangaza rya Kristu, aho yashyizeho Isakaramentu ry'Ukaristiya Ntagatifu rigomba kubahirizwa iteka mu kwibuka kwe. |
| 18 Mata 2025, Kuwa Gatanu | Kuwa Gatanu Mutagatifu (Hasho) | Umunsi wo kwibuka urupfu rwa Yezu Kristu wabambwe ku musaraba. |
| 19 Mata 2025, Kuwa Gatandatu | Kuwa Gatandatu Mutagatifu | Uyu ni umunsi wa nyuma w'Icyumweru gitagatifu n'iherezo ry'igihe cy'Igisibo. Kiliziya yibuka ko uwo munsi ari wo umubiri wa Kristu wari uri mu mva, ubugingo bwe bumanukira muri Hadesi kugira ngo bunyage kandi bubwirize ubutumwa bwiza abarimo. |
| 20 Mata 2025, Ku Cyumweru | **UMUNSI MUKURU W'IMINSI MIKURU KU CYUMWERU CYA PASIKA *( Kymtho)*** | Pasika: Umunsi mukuru w'izuka ry'Umwami n'Umukiza wacu Yezu Kristu. |
| 27 Mata 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru gishya | Ku Cyumweru cya mbere nyuma ya Pasika, igihe Kiliziya yizihiza iyerekwa rya Kristu kuri Tomasi Mutagatifu n'abandi bigishwa, aho yaberetse ibikomere bye, bityo akuraho ugushidikanya kuri Mutagatifu Tomasi. |

| **Itariki/ Umunsi** | **Iminsi Mikuru** | **Ubusobanuro** |
|---|---|---|
| 4 Gicurasi 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya Mbere nyuma y'Icyumweru gishya | Ku Cyumweru cya mbere nyuma ya Pasika, igihe Kiliziya yizihiza iyerekwa rya Kristu kuri Tomasi Mutagatifu n'abandi bigishwa, aho yaberetse ibikomere bye, bityo akuraho ugushidikanya kuri Mutagatifu Tomasi. |
| 8 Gicurasi 2025, Kuwa Kane | Umunsi wo Kwibuka Atanaziyusi Yohani I Metropolitani | Umunsi wo kwibuka Metropolitani Mukuru witabye Imana, Atanaziyusi Yohani I, Urwibutso rw'Umugisha |
| 29 Gicurasi 2025,, Kuwa Kane | **UMUNSI MUKURU WA ASENSIYO Y'UMWAMI WACU** ***(Suloqo)*** | Uyu munsi mukuru wibutsa abantu gusubira mu ijuru kwa Yezu nyuma y'Iminsi 40 azutse. |
| 8 Kamena 2025, Ku Cyumweru | **UMUNSI MUKURU WA PENTEKOSITI** | Uyu munsi mukuru wibutsa abantu ukuza kwa Kristu Roho Mutagatifu amanukira ku ntumwa ku munsi wa Pentekositi, bituma hashingwa Kiliziya. |
| 15 Kamena 2025, Ku Cyumweru | Icyumweru cya mbere nyuma ya Pentekositi Umunsi Mukuru w'Abatagatifu bose | Uyu munsi washyizweho mu rwego rwo kwibuka Abatagatifu bose kuva mu gihe cya Adamu, bahesheje Imana ikuzo binyuriye ku mibereho yabo mitagatifu. |
| 6 Kamena 2025, Kuwa Mbere | Intangiriro y'Igisibo cy'Intumwa | Igisibo gitangira ku itariki ya 16 Kamena kikarangira ku itariki ya 29 Kamena. Imikorere y'igisibo ni ugukurikira urugero rw'ibirenge by'Intumwa (Abahebureyi 13:7) barasibye mu gusohoza amagambo y'Umwami Yezu muri Matayo 9:15. |

| Itariki/ Umunsi | Iminsi Mikuru | Ubusobanuro |
|---|---|---|
| 29 Kamena 2025, Ku Cyumweru | Umunsi Mukuru wa Mt. Petero na Mt. Pawulo | Igisibo cy'Intumwa gisozwa n'ibirori byo kwibuka aba batagatifu babiri bakomeye. |
| 3 Nyakanga 2025, Kuwa Kane | Umunsi Mukuru wa Mt. Tomasi | Kwibuka ubuzima n'imirimo bya Mutagatifu Tomasi. |
| 5 Nyakanga 2025, Kuwa Gatandatu | Umunsi mukuru w'Abavugabutumwa 72 | Urwibutso rw'intumwa 72 |
| 1 Kanama 2025, Kuwa Gatanu | Intangiriro z'igisibo cy'Isinzira kimara iminsi 15 | Guhera ku itariki ya 1 kugeza ku ya 15 Kanama, ni cyo gihe cyo kwitegura urupfu rw'Umubyeyi w'Imana, urupfu rwiza rutanga urugero ku bantu bose. |
| 6 Kanama 2025, Kuwa Gatatu | **UMUNSI MUKURU WO KWIHINDURA UKUNDI K'UMWAMI WACU** | Uyu munsi mukuru wibutsa abantu ibyo kwihindura ukundi kwa Kristu ku Musozi wa Tabora. |
| 15 Kanama 2025, Kuwa Gatanu | **UMUNSI MUKURU W'ISINZIRA RYA TEWOTOKOSI *(Shoonoyo)*** | Umunsi mukuru wibutsa ibitotsi cyangwa "gusinzira" kwa Nyina wa Yezu Kristu Umwami wacu. |
| 8 Nzeli 2025, Kuwa Mbere | **UMUNSI MUKURU W'IVUKA RYA TEWOTOKOSI** | Uyu munsi mukuru ni uwo kwibuka ivuka rya Nyina wa Yezu Kristu, Umwami wacu. |
| 14 Nzeli 2025, Ku Cyumweru | **UMUNSI MUKURU W'UMUSARABA MUTAGATIFU** | Uyu munsi mukuru wizihizwa mu rwego rwo kwibuka ukuntu Mutagatifu Helena, nyina w'Umwami w'abami Konsitantino, yabonye Umusaraba nyawo babambyeho Umwami n'Umukiza wacu Yezu Kristu. |

| Itariki/Umunsi | Iminsi Mikuru | Ubusobanuro |
|---|---|---|
| 23 Ukuboza 2025, Kuwa Kane | Umunsi mukuru wa Mt.Yakobo intumwa | Twibuke ubuzima bwa Mutagatifu Yakobo, umuvandimwe wa Nyagasani Yezu akaba n'umwepiskopi wa mbere wa Yeruzalemu. |

## IMINSI IDASANZWE

| Iminsi Idasanzwe | Icyumweru | Itariki |
|---|---|---|
| Icyumweru cy’Ababyeyi | Icyumweru cya 3 | 17 Ugushyingo 2024 |
| Icyumweru cy’abagore | Icyumweru cya 5 | 1 Ukuboza 2024 |
| Icyumweru cy’Abana | Icyumweru cya 6 | 8 Ukuboza 2024 |
| Icyumweru cy’Umurimo w’Imana | Icyumweru cya 13 | 26 Mutarama 2025 |
| Icyumweru cy’Urubyiruko | Icyumweru cya 26 | 27 Mata 2025 |
| Icyumweru cy’Iyogezabutumwa | Icyumweru cya 32 | 8 Kamena 2025 |
| Icyumweru cya Seminari | Icyumweru cya 35 | 29 Kamena 2025 |
| Icyumweru cy’Ababikira b’Umusaraba | Icyumweru cya 49 | 5 Ukwakira 2025 |